


# IMFASHANYIGISHO IGENEWE ABAFASHA MU BY'AMATEGEKO

Rwanda  
Women's  
Network



**“DUHARANIRE UBURENGANZIRA BW'ABAGORE”**

[www.rwandawomennetwork.org](http://www.rwandawomennetwork.org)

**Produced by:**

Kicukiro – P.O.Box 3157, Kigali, RWANDA  
 Tel/Fax: +250 583662  
 Email: [rwawnet@rwanda1.com](mailto:rwawnet@rwanda1.com)  
 Website: [www.rwandawomennetwork.org](http://www.rwandawomennetwork.org)

**Technical and financial support from:****GUSHIMA**

Umuryango Rwanda Women's Network ugamije gut eza imbere no guharanira uburenganzira bw'abagore watangiye mu mwaka wi 1997. Intego y'ibanze y'uwo muryango ni uguteza imbere uburenganzira bw'abagore kubyerekeye ubukungu, imibereho myiza na politiki, akaba ari muri urwo rwego hatekerejwe kwandika iki gitabo kigamije gusobanura imirimo y'abafasha mu by'amategeko kugirango bajye bashobora gufasha abandi baturage aho batuye mu byerekeye guhanira uburenganzira bwabo.

Mu rwego rwo gushyira hamwe ibitekerezo muri iyi mfashanyigisho ku byerekeye ubufasha muby'amategeko, habayeho ubufatanye bw'abantu n'imiryango itandukanye akaba ariyo mpanvu umuryango Rwanda Women Network wifuje gushimira abafatanyabikorwa bitanze kugirango iyi mfashanyigisho ibeho. Turashimira abafatanyabikorwa Women Direct hamwe na Huairou Commission bateye inkunga cyane mu kwandika iki gitabo kiba giteye neza kandi gisomeka. Turashimira umuryango The Legal Aid Forum – Rwanda kubw'imfashanyigisho ya "The Paralegal Practice Manual – A guide to Paralegal Roles and Techniques" twifashishije mu gihe twarimo gutegura iyi mfashanyigisho cyane cyane mu bikoresho by'ikurikirana bikorwa by'abafasha mu by'amategeko.

Tuboneyeho na none gushimira umuryango wa UN cyane cyane UNIFEM/UNAIDS wateye inkunga nini mu gikorwa cyo kugirango iyi mfashanyigisho ishyirwe ahagaragara kandi ishobore gusomwa no kugera ku bantu benshi. Turagirango twongere gushimira abakozi ba Rwanda Women Network hamwe n'abafasha muby'amategeko bakorana na RWN k'ubwitange n'umurava bagaragaje muriki gikorwa.

Mu gusoza reka twongere dushimire mwese abagize uruhare mu kwandika iki gitabo k'ingirakamaro. Ntagushidikanya ko kizagirira akamaro abantu bose bazagisoma, by'umwihariko kizatuma abagore bu Rwanda bamenya guharanira uburenganzira bwabo n'amategeko abarengera.

**ISHAKIRO****IMFASHAMYUMVIRE IGENEWE ABAFASHA MU BY'AMATEGEKO** **I**

1.	UMURIMO W'UMUFASHA MU BY'AMATEGEKO	1
1.1	Umufasha mu by'amategeko ni muntu ki?	1
1.2	Inshingano z' umufasha mu by'amategeko ni izihe?	2
1.3	Ese abafasha mu by'amategeko bakorana bate n'abavoka?	2
1.4	Kuki abafasha mu by'amategeko ari ngombwa?	3
<b>2.</b>	<b>UBURENGANZIRA BWA MUNTU</b>	<b>3</b>
2.1	Uburenganzira bwa muntu ni iki?	3
2.2	Ibyiciro by'uburenganzira bwa muntu	4
2.3	Ibiranga uburenganzira bwa muntu	7
2.3.1	<i>Uburenganzira bw'ibanze bwa muntu n'inshingano biteganijwe mu Itegeko Nshinga ry'u Rwanda</i>	8
2.4	Aho dusanga ingingo zerekeye uburenganzira bwa muntu	10
<b>3.</b>	<b>UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE HAGATI Y'ABAGABO N'ABAGORE</b>	<b>12</b>
3.1	Gahunda y'ibikorwa ya Beijing	12
3.2	Uko abagore bitabwaho mu Rwanda	14
3.3	Uburinganire ni iki?	16
3.4	Amategeko mpanabyaha n'ihohotera rishingiye ku gitsina	23
	<b>IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA NA SIDA</b>	<b>25</b>
3.4.1	<i>Gukemura ibibazo bishingiye ku ihohotera rishingiye ku gitsina</i>	26
3.4.2	<i>Ibyo umuntu agomba gukora</i>	26
3.4.3	<i>Ibyo umuntu agomba kwirinda</i>	27
<b>3.5</b>	<b>Itegekonshinga</b>	<b>29</b>
3.5.1	<i>Uburenganzira bw'ibanze ku bijyanye n'ubutabera mpanabyaha</i>	29
<b>3.6</b>	<b>Imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko</b>	<b>29</b>
	<b>Uko inkiko zisumbana</b>	<b>30</b>
3.6.1	<i>Urukiko rw'ikirenga</i>	30
3.6.2	<i>Urukiko rukuru</i>	31
3.6.3	<i>Inkiko zisumbuye (Inkiko zo ku rwego rw'Intara n'ururi i Kigali)</i>	32
3.6.4	<i>Inkiko z'ibanze (Inkiko zo ku rwego rw'ibanze)</i>	33
	<i>Inkiko zihariye</i>	34
3.6.5	<i>Inkiko za gisirikare</i>	34
3.4.6	<i>Akamaro k'ubwunzi mu gukemura amakimbirane</i>	35

**5.1 Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe** **36**

5.1.2	<i>Ivangamutungo rusange</i>	37
5.1.3	<i>Ivangamutungo w'umuhahano</i>	37
5.1.4	<i>Ivanguramutungo rusange</i>	38
	<i>Ivangamutungo rusange</i>	39
	<i>Ivangamutungo w'umuhahano</i>	39
	<i>Ivanguramutungo risesuye</i>	40

**5.2 Ugushyingiranwa ku bantu batari buzuza imyaka y'ubukure** **40**

5.2.1	<i>Guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe</i>	41
5.3.2	<i>Izungura rikurikije irage</i>	45
5.3.3	<i>Irage mpamo</i>	45
5.3.4	<i>Irage rikozwe mu nyandiko</i>	45
5.3.5	<i>Irage mvugo</i>	46
5.3.6	<i>Ivanwaho ry'irage</i>	46

**5.4 Izungura nta rage** **46****Izungurwa ry'abashakanye bafitanye amasezerano y'ivangamutungo rusange** **47**

5.4.2	<i>Izungurwa ry'abashakanye bafitanye amasezerano y'ivangamutungo w'umuhahano</i>	48
5.4.3	<i>Ese bigenda gute iyo ntawe uzungura cyangwa uragwa uhari?</i>	48
5.4.4	<i>Ingingo zerekeye umutungo uzungurwa</i>	49
5.4.5	<i>Iyegeranya n'igabagabanya ry'ibizungurwa</i>	49
5.4.6	<i>Ese umuntu ashobora kwanga kuzungura?</i>	50

**Ingingo rusange ku mpano n'izungura** **51****6. ITEGEKO RYEREKEYE UBUTAKA** **52**

6.1.1	<i>Amatsinda y'ubutaka</i>	52
6.1.2	<i>Ubutaka bwo mu mugu n'ubutaka bwo mu cyaro</i>	52
6.1.3	<i>Ubutaka bw'abantu ku giti cyabo</i>	53
6.1.4	<i>Ubutaka bwa Leta</i>	53
6.1.5	<i>Ubutaka bw'akarere n'ubw'umugi</i>	53
6.2	<i>Komisiyo zishinzwe iby'ubutaka</i>	53
6.2.1	<i>Abagize komisiyo</i>	53
6.3	<i>Iyandikisha ry'ubutaka</i>	53
6.3.1	<i>Ibiro by'ubutaka ku rwego rw'Akarere</i>	54
6.3.3	<i>Urwego rw'umubitsi w'impapuru mpamo z'ubutaka</i>	54

**7. ABO IKI GITABO KIZAGIRIRA AKAMARO** **54****IMIGEREKA** **I**



## Akamaro kiyi mfashanyigisho

Iyi mfashanyigisho yateganirijwe abafasha muby'amategeko bakorana na Rwanda Women Network nindi miryango iharanira uburenganzira bw'abagore hamwe n'abana. Ubu bufasha mu byamategeko kandi bugamije kuziba icyuho kigaragara hagati y'ubumenyi n'ubufasha mu by'amategeko.

Iyi mfashanyigisho izifashishwa muguha amahugurwa abafasha muby'amategeko cyane cyane abakorana na Rwanda Women Network kugirango bashobore kujya bafasha abaturage aho batuye muguhanira uburenganzira bwabo no kumenya amategeko abarengera. Iyi mfashanyigisho yifashishwa nabafasha mu byamategeko bashobora gusoma no kwandika. Ibitekerezo ni nama birimo bigaragazwa mu buryo bworoheje kandi busobanutse.

Kugirango ubumenyi bwa bafasha mu byamategeko bwiyongere, barasabwa kujya bifashisha ibyobahuguwe mu byerekeye ubufasha mubyamategeko ndetse n'amategeko nyirizina. Kwihugura bihoro, bizajya bibafasha kumenya ibigezweho mu mategeko ndetse biboroherewe no mukazi kabo kaburi munsu.

Iyi mfashanyigisho ikubiyemo ubumenyi n' ibikoresho byakwifashishwa n'abafasha mu by'amategeko mu kumenya neza ishingano zabo n'ibibaranga kugirango bashobore gufasha abaturage muguhanira uburenganzira bwabo n'amategeko abarengera.

## 1. UMURIMO W'UMUFASHA MU BY'AMATEGEKO

### 1.1 Umufasha mu by'amategeko ni muntu ki?

Umufasha mu by'amategeko ni umuntu wifashishwa ku rwego rwa mbere ukorana n'abaturage kandi uturanye na bo. Ni umuntu wize cyangwa wakurikiranye amahugurwa kandi ufite ubumenyi bw'ibanze mu by'amategeko. Nubwo atari avoka wuzuye, agira uruhare mu gutanga inama, mu guha abaturage ubumenyi no kubigisha ku bijyanye n'amategeko. Akenshi gukemura ibibazo ku byerekeranye no kutubahiriza uburenganzira buteganywa n'amategeko bisaba uruhare rw'abavoka abaturage badashobora kubona amafaranga yo kwishyura bitewe n'amikoro make cyangwa bakaba badashobora kubageraho.

Abafasha mu by'amategeko bakorana n'abaturage barimo ibyiciro bibiri bikurikira:

- Umufasha mu by'amategeko umenyereye ni umuntu ukorana n'abaturage ufite ubumenyi mu byo akora.
- Umufasha mu by'amategeko utamenyereye ni umuntu ufite akazi kadahora ho ariko ugira inama abaturage iyo bibaye ngombwa. Ashobora kuba ari umukambwe uruta abandi muri ako gace cyangwa umuntu ukiri muto wize amashuri akayarangiza. Ahabwa amahugurwa kugira ngo abe umufasha mu by'amategeko.

Ibyo akwiye kuba yujuje:

- Kuba akunda ako kazi ku buryo bwimazeyo.
- Kuba akomoka kandi aba mu gace abaturage akorana na bo batuyemo.
- Kumenya umuco, imyemerere n'idini by'abaturage akorana na bo ndetse n'imiterere ya politiki bemera.
- Kumenya gukoresha ururimi abaturage akorana na bo bazi neza.
- Kuba azi gusoma no kwandika neza kuko hari igihe aba angombwa guso ma cyangwa kuzuza inyandiko zisanze z'amategeko
- Gutanga inama kandi akamenya ko atagomba gufata ibyemezo mu izina ry'abantu yunganira.
- Kumenya ko afite inshingano zo kumenya buri igihe aho amategeko ageze akanamenya amazina n'aderesi by'imiryango n'abantu bakwifashishwa.
- Gukurikirana ibibazo yashyikirijwe kugira ngo yizere ko byabonewe umuti uko bikwiye.
- Kugira ibanga.
- Kumenya ko ari umukorerabushake bityo akaba atagomba kugira ama faranga yaka abaturage kubera ubufasha yabahaye.
- Ni ngombwa kumenya ko atari AVOKA.

## 1.2 Inshingano z' umufasha mu by'amategeko ni izihe?

Umufasha mu by'amategeko afite inshingano zo gusobanurira abaturage akorana na bo ibyerekeye amategeko bityo bagashobora kumenya ko bafite uburenganzira n'ubwisanzure bifite agaciro. Kugira ngo iyo nshingano ayigereho agomba gukora ibi bikurikira:

1. Kwigisha abaturage bakamenya uburenganzira bwabo bw'ibanze buteganywa n'amategeko. Abantubenshibakundakugiraibibazokuberakobataziuburenganzira bwabo bugenwa n'amategeko kabone n'ubwo uko kutamenya ubwo burenganzira bigira ingaruka ku buzima bwabo bwa buri muni. Ibi bikaba biterwa n'uko abaturage badafite ubumenyi mu by'amategeko kuko abantu badasobanukiwe iby'amategeko badashobora gusobanukirwa amagambo akoreshwa mu rwego rwayo.
2. Guha abaturage serivisi z'ibanze mu byerekeye amategeko – Akenshi abantu ntibifashisha abavoka igihe bahuye n'ikibazo cyo mu rwego rw'amategeko cyane ko abavoka basaba amafaranga menshi. Umufasha mu by'amategeko ashobora gufasha umuntu ufite ikibazo gutegura ibyo avuga n'izindi nyandiko zerekeye amategeko. Uruhare rwe ni ukugira inama abaturage iyo bagiranye ibibazo byerekeye amategeko.
3. Gusaba ko amategeko avugururwa.
4. Gufasha mu gukemura imanza mbonezamubano ku rwego rw'ibanze no kwereka abantu inzego bakwitabaza.
5. Gukurikirana ibikorwa by'ihohotera ry'uburenganzira bwa muntu no kubitangaho raporo.
6. Gufasha abaturage kumenya ibyo bakeneye ku birebana n'amategeko.
7. Gukusanya amakuru no kwerekana imiterere y'ibikorwa by'uburenganzira bw'abagore mu baturage no gufasha mu gusaba ko hashakwa inzira nyazo mu kubonera umuti ibyo bikorwa.
8. Guhugura umuyobozi w'abaturage ku bijyanye n'ingingo z'amategeko zerekeye uburenganzira bwa muntu kuko igihe abantu bamenye uburenganzira bwabo bashobora kwikemurira ikibazo bahuye na cyo kandi bagakumira ibikorwa by'ihohotera.
9. Gutanga amakuru ku byerekeranye n'uburenganzira kandi agaharanira kongerera ubushobozi abaturage cyane cyane mu byerekeranye no kwirinda ibikorwa by'ihohotera no kubikumira.

## 1.3 Ese abafasha mu by'amategeko bakorana bate n'abavoka?

Umufasha mu by'amategeko akora akazi ko kuba umuhuza hagati y'abaturage n'abakora mu rwego rw'amategeko (abavoka, abacamanza n'abashinjacyaha). N'ubwo badashobora gufasha abantu mu rukiko ku buryo butaziguye, bafatanyaga n'abavoka mu gutegura imanza mu rukiko no kuziyamo, mu gukora ubushakashatsi mu by'amategeko,

mu kubaza abagabo, gucunga ibimenyetso no gutegura inyandiko zimwe na zimwe zoroheje mu by'amategeko. Igihe ahuye n'ikibazo adashobora gukemura ubwe, agomba kugishyikiriza avoka mu gihe asaba amafaranga ari mu bushobozi bw'uwunganirwa cyangwa akagishyikiriza umuryango ufasha abantu mu by'amategeko. Ni yo mpamvu rero mu murimo wabo abafasha mu by'amategeko batagamije guhiganwa n'abavoka ahubwo baruzanya.

## 1.4 Kuki abafasha mu by'amategeko ari ngombwa?

Ni uko bagira uruhare runini mu mikorere y'urwego rw'ubutabera. Bafitiye abaturage akamaro kanini kubera impamvu zikurikira:

- Baziba icyuho kigaragara hagati y'ubumenyi mu by'amategeko no guhagararira abantu imbere y'amategeko. Abantu bose bagomba kubona uburenganzira buteganywa n'amategeko kandi bagomba no kumenya ubwo burenganzira.
- Bigisha abaturage ibijyanye n'amategeko cyane ko umuntu atagomba kwi ca itegeko yitwaje ko atarizi. Buri wese afatwa ko azi ibibujijwe n'itegeko n'ibyo itegeko ryemera. Ni yo mpamvu kumenya itegeko bifasha abaturage kumenya ibiteganijwe na ryo.
- Kumenya itegeko no kurigeraho ni uburenganzira shingiro bwa muntu buri wese afite. Nyamara ariko dukurikije amateka, itsinda rito ry'abantu ni ryo ryonyine ryashoboye kubona ubwo burenganzira bitewe n'impamvu z'imibereho, za politiki n'iz'ubukungu. Umufasha mu by'amategeko icyo akora ni ugufasha abantu kurushaho kugera kuri ubwo burenganzira.

## 2. UBURENGANZIRA BWA MUNTU

### 2.1 Uburenganzira bwa muntu ni iki?

Uburenganzira bwa muntu ni amahame mpuzamahanga ateganywa n'amategeko afasha kurinda abantu n'amatsinda babarirwamo ibikorwa bibangamira uburenganzira bwabo bw'ibanze n'agaciro ka muntu. Amategeko agenga uburenganzira bwa muntu ateganywa za guverinoma kugira ibintu bimwe na bimwe zikora kandi akagira n'ibindi azibuza gukora.

Uburenganzira bwa muntu kandi bushobora gufatwa nk'ibintu binyuze mu kuri no mu mucyo umuntu agomba kugira cyangwa ashobora gukora kugira ngo agire agaciro mu mibereho ye kandi agere ku buryo bwuzuye ku mahirwe ye nk'umuntu.

Na none kandi uburenganzira bwa muntu kwasobanuwe ku buryo bukurikira:

- Ibintu umuntu agiraho uburenganzira bitewe n'uko ari muntu.
- Uburenganzira bwa muntu butanga ibipimo ngenderwaho kandi igihe bene ibyo bipimo bidahari abantu bakaba badashobora kubaho mu gaciro. Bene

ubwo burenganzira ni kamere. Ntabwo umuntu abukorera kuko abubona guhera avutse hatitawe ku gitsina, ku myaka, ku idini, ku bwenegihugu, ku rurimi, ku muryango, ku ibara, ku rwego umuntu arimo cyangwa ku bitek erezo bye bya politiki.

## 2.2 Ibyiciro by'uburenganzira bwa muntu

Uburenganzira bwa muntu dushobora kubushyira mu byiciro bitatu bikurikira:

- Uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki
- Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco
- Uburenganzira ku bidukikije no ku iterambere

### I. Uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki

Rimwe na rimwe ubu burenganzira bufatwa nk'uburenganzira bwo mu cyiciro cya mbere. Ni uburenganzira buha umuntu ubwisanzure mu nzego zitandukanye. Buha abaturage ubwisanzure n'uburinganire. Muri ubwo burenganzira harimo:

- Uburenganzira bwo kubaho
- Uburenganzira ku bwisanzure
- Kurindwa ubucakara n'imirimu y'agahato
- Kurindwa ivangura
- Kurindwa kwicwa urubozo, cyangwa gukorerwa ibikorwa by' ubugome, ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro.
- Uburenganzira bwo guciribwa urubanza ruboneye n'urwego rwigenga kan di rutabogamye ndetse no kugira uburenganzira bwo gufatwa nk'umwera ku cyaha aregwa igihe cyose kitaramuhama burundu.



- Kudafatwa ku buryo bunyuranyije n'amategeko, kudafungwa cyangwa gutegekwa guhunga igihugu
- Uburenganzira bwo gutembera aho ashaka hose no gutura aho ari ho hose mu gihugu cyawe.
- Uburenganzira ku bwenegihugu
- Kutagira umuntu wivanga mu buzima bwawe bwite, bw'umuryango cyang wa urugo byawe ndetse no kurindwa ibyangamira icyubahiro cyawe n'agaciro kawe mu maso y'abandi.
- Uburenganzira bwo kugira umutungo no kurindwa kwamburwa umutungo wawe.
- Ubwisanzure mu bitekerezo, mu mutimanama no mu guhitamo idini.
- Uburenganzira bwo guteranira mu nama no kwishyira hamwe
- Uburenganzira bwo gutora no gutorwa mu gihe nta miziro iteganijwe n'amategeko.

### II. Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco

Ubu burenganzira busa n'aho buha umuntu umutekano mu rwego rw'imibereho myiza n'ubukungu. Burinda abantu kugira ibintu byabo by'ibanze byatwawe n'abandi. Muri ibyo bintu twavugaga ibiribwa, imyenda, icumbi, kwivuzza, kwiga n'ibindi. Ubwo burenganzira bufasha umuntu kubaho neza. Muri bwo twavugaga:

- Uburenganzira ku biribwa
- Uburenganzira ku burezi
- Uburenganzira bwo guhitamo no gukora umurimo umunogeye,
- Uburenganzira bwo gukorera mu buryo bwiza kandi bunoze
- Uburenganzira bwo guhabwa umushahara ungana ku kazi kangana.



- Uburenganzira bwo gushyiraho ingaga z'abakozi no kuziyamo.
- Uburenganzira bwo kugira imibereho inoze we ubwe ndetse n'umuryango we.
- Uburenganzira bwo kubaho mu muco no guhabwa ku byiza by'iterambere mu by'ubumenyi n'ibikorwa byabwo.
- Uburenganzira bwo kugira ubuzima bwiza cyane haba ku mubiri cyangwa mu bitekerezo.
- Uburenganzira bwo guhaha umutungo no kuwutunga haba ku giti cye cyangwa ari mu ishyirahamwe ahuriyemo n'abandi mu buryo bunoze.

Kugira ngo abantu bashobore guhabwa ubwo burenganzira, inzego za Leta zifite inshingano zo kubutanga zigomba kurangwa n'imikorere inyuze mu mucyo kandi zigasobanura ibyo zikora. Mu rwego rwo guteza imbere ubwo burenganzira kandi abaturage bafite inshingano zo gukora ibikorwa by'ubukungu byubahirije amategeko bishobora gutuma haboneka umutungo.

### III. Uburenganzira ku bidukikije no ku iterambere

Ibidukikije ni ikintu cyose kiri ahantu hadukikije. Uburenganzira ku bidukikije no ku iterambere bukubiyemo umwuka duhumeka, imiterere y'ikirere, amazi, ibikorwa by'ubukungu dukora ndetse n'ikindi kintu cyose kigira ingaruka ku bidukikije. Uburenganzira ku bidukikije buha abantu uburenganzira bwo kugira ibidukikije bisukuye, bimeze neza kandi bizira guhumanwa no kwangizwa.

Uburenganzira ku iterambere bwo bugenda buhinduka bituma hizerwa ko igihugu n'abagituye babayeho mu burumbuke kandi ko bafite umutungo uhagije bakenera mu gukoresha kandi urenzeho ukazigamirwa abantu bazaba bariho mu bihe bizaza. Muri ubwo burenganzira kandi harimo ibikorwa byose by'ubukungu dukora. Ni yo mpamvu ku ruhande rumwe Leta ihabwa inshingano zo gukora ku buryo iterambere ry'ubukungu n'iry'inganda bijyana no kubungabunga umurage wacu tuwubungabungira abazaba bariho mu bihe biri imbere ku rundi ruhande.

Ubwo burenganzira bukubiyemo:

- Uburenganzira ku bidukikije bisukuye bidashobora kwangiza ubuzima n'imibereho myiza by'abantu.
- Uburenganzira bwo kubungabunga ibidukikije hifashishijwe ingamba nyazo zi fasha gukumira ihumanywa ryabyo.
- Uburenganzira bwo gushyiraho inganda.
- Uburenganzira bwo kugira imibereho myiza harimo kugira icumbi, umutekano, amahoro n'agaciro.

### 2.3 Ibiranga uburenganzira bwa muntu

Uburenganzira bwa muntu bwibanda ku gaciro ka muntu kandi bukaba bukoreshwa ku muntu ku giti cye ndetse no ku itsinda ry'abantu. Uburenganzira bwa muntu burangwa n'ibintu bikurikira:

#### i. Uburenganzira bwa muntu ntabuvutswa

Buravukanwa, ntibuvutswa, ntibutangwa cyangwa ngo bwamburwe Urugero: Uburenganzira ku buzima butangwa n'Imana. Si guverinoma ibutanga cyangwa abandi bantu bagenzi bacu. Nyamara ariko hari igihe ubwo burenganzira bushobora kugabanywa. Uburenganzira bugenwa n'itegeko gusa.

#### ii. Uburenganzira bwa muntu ni mpuzamahanga

Bukoreshwa ku bantu bose ku buryo bungana ku isi yose. Mu byerekezo byose by'isi, abantu bose bagira uburenganzira bumwe. Abagabo n'abagore, abato n'abakuru, bagomba kugira uburenganzira bumwe. Umuntu agira uburenganzira kubera ko ari umuntu. Kandi amahame mpuzamahanga ashimangira ko umuntu wese ni umunyagitinyiro kandi ntavogerwa.

#### iii. Uburenganzira bwa muntu ntibugabanywa

Nta burenganzira buruta ubundi. Kuba uburenganzira bugabanijemo ibice hakabaho uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki, uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco ndetse n'uburenganzira ku bidukikije no ku iterambere ntibivuze ko hariho icyiciro iki n'iki cy'uburenganzira gifite agaciro kurenza ikindi. Ubwo burenganzira bugomba gufatwa kimwe kandi ku buryo bunoze mu kubwubahiriza no kububungabunga. Umuntu ntashobora kwimwa uburenganzira hitwajwe ko bufatwa nk'aho nta gaciro kanini bufite.

#### iv. Uburenganzira bwa muntu ni magirirane

Uburenganzira bwose ni magirirane kandi buruzuzanya. Iyubahiriza ry'uburenganzira ubu n'ubu rishingira ku iyubahiriza ry'ubundi burenganzira. N'ubwo abantu bose bafite uburenganzira bwo kugira uburenganzira bwose bashobora kubugeraho gusa ari uko birinze kugira uburenganzira bw'undi bahutaza. Aho uburenganzira bw'umuntu bugarukira niho ubw'undi butangirira. Aha twavugaga umugore wonsa ku mwana yonsa cyangwa utwite ku mwana uri mu nda.

### 2.3.1 Uburenganzira bw'ibanze bwa muntu n'inshingano biteganijwe mu Itegeko Nshinga ry'u Rwanda

Ingingo zerekeye uburenganzira bwa muntu zikubiye mu Itegeko Nshinga rya Republica yu Rwanda ryo ku itariki ya 4 Kamena 2003. Itegeko Nshinga ry'u Rwanda riteganyaga ko abagore bagomba gufatwa kimwe n'abagabo. Na none kandi uherye ku ngingo ya 10 kugeza ku ya 51 riteganyaga ko u Rwanda ruzihatira kurinda no guteza imbere uburenganzira bwa muntu. Amategeko gakondo akomeza gukurikizwa gusa iyo atabangamiye uburenganzira bwa muntu. Ibi bivuze ko imigenzereze yo mu muco gakondo ivangura abagore ibujijwe. Itegeko Nshinga riteganyaga ibi bikurikira:

- Umuntu ni umunyagitinyiro kandi ntagomba guhungabanywa. Ibi bivuze ko umuntu adashobora kuvutswa uburenganzira bwe bwa muntu.
- Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira ubwisanzure,





uburenganzira n'inshingano bingana. Ivangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, rirabujijwe kandi rihanwa n'amategeko.

- iii. Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho. Nta wushobora kuvutswa ubuzima mu buryo bunyuranyije n'amategeko. U Rwanda ni cyo gihugu cya mbere mu karere k'ibiyaga bigari cyakuyeho igihano cy'urupfu ku itariki ya 25 Nyakanga 2007.
- iv. Umuntu wese afite uburenganzira bwo kudahunzabanywa ku mubiri no mu mutwe. Nta wushobora kwicwa urubozo, gukorerwa ibibabaza umubiri, cyangwa ngo akorerwe ibikorwa by'ubugome, ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro. Nta wushobora gukorerwaho igerageza atabyiyemereye. Uburyo bwo kubyemera kimwe n'ubw'iryo gerageza bugenwa n'itegeko.
- v. Nta wushobora gukorerwa ubugenzurwe keretse mu bihe no mu buryo buteganyijwe n'itegeko, kubera impamvu zishingiye ku ituze rusange ry'abaturage cyangwa ku mutekano w'igihugu.
- vi. Imibereho bwite y'umuntu, iy'umuryango we, urugo rwe, ubutumwa yohererezanya n'abandi ntibishobora kuvogerwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko; icyubahiro n'agaciro ke mu maso y'abandi bigomba kubahirizwa. Ibi bivuze ko abaturage bese bafite uburenganzira bwo kutavogerwa mu buzima bwabo bwite. Aha twavugaga ko amabaruwa atagomba kugenzurwa ndetse n'abantu bahamagarana kuri telefoni bakaba batagomba kumvirizwa.
- vii. Urugo rw'umuntu ntiruvogerwa. Ntihashobora gukorwa isakwa mu rugo cyangwa kurwinjiramo kubera impamvu z'igenzura nyirarwo atabyemeye, keretse mu bihe no mu buryo biteganyijwe n'amategeko. Iyo isakwa riteganijwe n'itegeko, iryo sakwa rigomba gukorwa nyuma yo kugaragaza inyandiko itanga uburenganzira bw'isakwa itanzwe n'umushinjacyaha.

- viii. Buri Munyarwanda afite uburenganzira bwo kujya aho ashaka hose no gutura aho ari ho hose mu Rwanda. Afite kandi uburenganzira bwo kuva mu gihugu n'ubwo kukigarukamo igihe ashakiye.

## 2.4 Aho dusanga ingingo zerekeye uburenganzira bwa muntu

### Itegeko Nshinga ry'u Rwanda

Amategeko y'u Rwanda: Amategeko y'u Rwanda afatiye ku Itegeko Nshinga. Ayo mategeko arengera uburenganzira bwose dusanga mu Itegeko Nshinga.

### Amategeko mpuzamahanga:

Hariho amasezerano ashirwaho umukono n'ibihugu nyuma yo kujya impaka zihagarariwe n'Umuryango w'Abibumbye. Izo mpaka zigibwa ku bibazo bitandukanye harimo kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu. Ayo masezerano aba agomba kubahirizwa n'ibyo bihugu nta rwitwazo na rumwe. Amwe muri ayo mategeko mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu agamije kurinda no guteza imbere uburenganzira bwa muntu harimo:

- Amasezerano mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu (1948): iri tangazo rigaragaza urutonde rw'uburenganzira bwa muntu n'ubwisanzure bw'ibanze. Umuryango mpuzamahanga ugaragaza ko ubwo burenganzira ari igipimo cy'ibanze guverinoma zigomba guheraho mu kwita ku baturage bazo. Ingingo ya mbere y'iryo tangazo ivuga ko «Abantu bose bavukana kandi bagakomeza kugira ubwisanzure, uburenganzira n'inshingano bingana. Bafite ubushobozi bwo guhitamo ikibi n'ikiza kandi bakagira umutimanama kandi bakaba bagomba guharanira gufashanya nk'abavandimwe»
- **Amasezerano mpuzamahanga yerekeye ubukungu, imibereho myiza n'umuco (1966):** Ubu burenganzira ni bwo shingiro ry'uburenganzira umuntu akeneye kugira ngo ashobore kugira imibereho ikwiye. Kandi ni n'ishingiro ry'ubwigenge bityo rikaba n'ishingiro ry'ubwisanzure. Ubu burenganzira bukubiyemo ubwo gukora akazi mu buryo bukwiye kandi bunoze, uburenganzira bwo kurindwa mu rwego rw'imibereho myiza, uburenganzira ku mibereho inoze, uburenganzira bwo kugira ubuzima bwiza haba ku mubiri no mu mutwe, uburenganzira ku burezi. Uburenganzira bwo kubaho mu muco no guhabwa ku byiza by'iterambere mu by'ubumenyi n'ibikorwa byabwo.
- *Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki (1966)*
- *Amasezerano arwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa, gukorerwa ibibabaza umubiri, cyangwa gukorerwa ibikorwa by'ubugome, guhabwa igihano kidakwiye umuntu cyangwa kimutesha agaciro (1987):* Ayo masezerano arwanya ubwoko bwose bw'iyicarubozo cyangwa gukorerwa ibibabaza umubiri, ibikorwa by'ubugome, guhabwa igihano kidakwiye cyangwa kimutesha agaciro. Ayo masezerano yemeje igipimo mpuzamahanga mu rwego rwo kurinda abantu bese kabone n'iyi umuntu yaba yambuwe ubwisanzure bwe yaba aregwa cyangwa yarahamwe n'icyaha.



- *Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore (1981):* Aya masezerano agaragaza amahame yemewe ku rwego mpuzamahanga ku byerekeye uburenganzira bw'abagore kandi yubahirizwa ku bagore bose mu nzego zose barimo z'ubuzima. icyo ayo masezerano ashingiyeho ni uguca ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore. Zimwe mu nzego ayo masezerano yibandaho harimo uburinganire muri politiki ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga, uburinganire mu kubona, mu guhindura no kugumana ubwengehugu, uburinganire mu burezi, uburinganire mu kazi no mu rwego rw'amategeko agenga umurimo.
- *Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'Abaturage:* Ubu burenganzira bwibanda ku by'imbonezamubano na politiki ndetse n'uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco nk'uko byemejwe ku rwego mpuzamahanga. Ayo masezerano agaragaza uburenganzira n'inshingano za Leta n'abaturage.
- *Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana (1981):* Aya masezerano agaragaza ibipimo rusange ku byerekeranye no kwita ku bana. Mu mahame ane y'ingenzi akubiye muri ayo masezerano harimo kutavangura abana no kugira amahirwe angana ku bana b'abakobwa n'abahungu, kwita ku nyungu za mbere z'umwana mu gufata icyemezo kimureba, uburenganzira ku buzima, gutega amatwi ibitekerezo by'umwana no kubyitaho uko bikwiye hakurikijwe imyaka ye n'ikigero agezemo.
- *Amasezerano nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana.* Ibihugu byose byemeje burundu cyangwa byashyize umukono kuri ayo masezerano byiyemeza kujya bishyikiriza za raporo komisiyo zitandukanye z'Umuryango w'Abibumbye zikurikirana ishyingira mu bikorwa ry'ayo masezerano. Ibyo bihugu bitanga raporo ku ngamba byafashe mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira buvugwa muri ayo masezerano ndetse no ku ntambwe bimaze gutera mu kubwubahiriza. Nta bihano biteganyirijwe igihugu kidatanze raporo cyangwa kitagize icyo gikora mu gufasha abaturage kubona ubwo burenganzira. Nyamara ariko igihugu gishobora gusabwa guhindura politiki zacyo kugirango cyubahirize ayo masezerano. Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye yita ku burenganzira bwa muntu isabwa gukora ku buryo ibihugu biyigize bitanga raporo igaruka ku miterere y'uburenganzira bwa muntu. Cyangwa se bitaba ibyo, igihugu gishobora gusabwa gutanga raporo kigaragaza imiterere y'uburenganzira bwa muntu.

Nta muntu n'umwe ushobora gukoresha uburenganzira bwe abangamira abandi baturage, umutuzo n'umutekano by'igihugu.



### Igihe habaho kutubahiriza uburenganzira bwa muntu

Hari igihe na none itegeko ryemera ko umuntu avutse uburenganzira ubu n'ubu. Twavugaga igihe umuntu yahamijwe icyaha n'urukiko, ubwisanzure bwe bushobora kutubahirizwa igihe aba agomba gufungwa. Hari n'ibindi bihe ubwo burenganzira butubahirizwa cyane cyane nko mu bihe by'intambara igihe umuntu atemererwa kujya aho ashatse hose. Hari kandi n'igihe umuntu ashobora gusabwa kuva mu mutungo we nyuma yo guhabwa indishyi.

Twavugaga uburenganzira bwo kudakorerwa iyicarubozo, gukorerwa ibibabaza umubiri, cyangwa gukorerwa ibikorwa by'ubugome, ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro, uburenganzira ku buzima, ubwisanzure mu bitekerezo, ku mitekereze no ku idini. Bumwe mu burenganzira abantu bashobora kuvutse ni ubu bukurikira:

- Uburenganzira ku bwisanzure bw'umuntu ku giti cye,
- Gusaka umuntu cyangwa umutungo we,



- Uburenganzira bwo kugira ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo, bwo guteranira mu nama no kwishyira hamwe,



- Uburenganzira bwo kugira ubwisanzure mu gutembera no kurindwa ivangura.


### 3. UBURINGANIRE N'UBWUZANYE HAGATI Y'ABAGABO N'ABAGORE

#### 3.1 Gahunda y'ibikorwa ya Beijing

Gahunda y'ibikorwa ya Beijing ni yo nyandiko ya mbere inoze iriho kugeza ubu yateguwe n'Inama yakozwe n'Umuryango w'Abibumbye ku byerekeye uburenganzira bw'abagore dore ko iyo nyandiko ikubiyemo ibyagezweho mu nama n'amasezerano byari byarakozwe mbere. Twavugaga itangazo mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa muntu, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore (CEDAW), Inama ya Nayirobi yabaye mu 1975 n'itangazo ry'i Viyene. Gahunda y'ibikorwa ya Beijing ikubiyemo amasezerano yo guca burundu ihohoterwa rikorerwa abagore, guca ubukene no gufata ingamba zigamije gushyira abagore mu myanya y'ingenzi. Iyo gahunda kandi yemeza ko abagore bafite uburenganzira bwo kuzuzura ubuzima bwabo ku byerekeye imibonano mpuzabitsina no kubyara kandi igahamagarira za Leta gusuzuma amatageko akubiyemo ibihano bihabwa abagore bakuyemo inda. Yagaragajye ko kandi ari ngombwa gushyigikira amatageko arengera uburenganzira bw'abagore.

Iyo nama yo ku rwego rwo hejuru yibanze ku ngingo zikurikira:

- Ubusumbane no kudahabwa amahirwe angana mu kwiga no mu guhabwa amahugurwa.
- Ubusumbane no kudahabwa amahirwe angana mu kwivuzura no mu guhabwa serivisi bijyanye.
- Ihohoterwa rikorerwa abagore
- Ingaruka intambara cyangwa ubundi bwoko bw'amakimbirane bigira ku bagore harimo ababa ahantu higarurirwe n'amahanga



- Ubusumbane mu bukungu no mu bijyanye na za politiki ndetse no mu bwoko bwose bw'ibikorwa bibyara inyungu no kugera ku mutungo.
- Ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore mu kugabana ubutegetsi no mu gufata ibyemezo ku nzego zose.
- Ingamba zidahagije ku nzego zose zigamije guteza imbere iterambere ry'abagore.
- Kutubahiriza no kutita ku buryo buhagije bwo guteza imbere no kurinda uburenganzira bwa muntu bw'abagore.
- Gufata abagore uko batari n'ubusumbane mu mahirwe yabo no kugira uruhare mu nzego zose z'itumanaho cyane cyane mu bitangazamakuru.
- Ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore mu micungire y'umutungo kamere no mu kubungabunga ibidukikije.



- Ivangura rikomeza kugaragara rikorerwa abana b'abakobwa no kutubahiriza uburenganzira bwabo.

Gahunda y'ibikorwa ya Beijing yabanjirijwe n'izindi nama zakozwe n'Umuryango w'Abibumbye ndetse na sosiyete sivili. Izo nama zatangiye gukorwa mu myaka y'1970 kandi uko zagendaga ziba ni ko zitaga ku bisabwa mu rwego rw'uburinganire, zisaba guverinoma gukora ibishoboka kandi zigatuma habaho impaka muri sosiyete binyujijwe mu miryango y'abagore.

### 3.2 Uko abagore bitabwaho mu Rwanda

Nyuma y'inama ya Beijing, mu Rwanda hatewe intambwe ikomeye mu guha abagore uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo. Ibyo byagaragariye cyane mu Nteko Ishinga Amategeko aho umubare wabo warenze uw'abagabo dore ko bagize 55%. Muri Guverinoma umubare wabo ungana na 38% naho mu butabera umubare wabo ukaba ungana na 69,6%. Ariko icy'ingenzi twavugaga n'uko Guverinoma yakozwe ku buryo uburinganire bugaragara nk'ikibazo kigomba guhurirwaho n'inzego zose mu Cyerekezo 2020. Ibyo bikaba bivuze ko uburinganire bugomba kwitabwaho muri buri gahunda y'iterambere. Na none kandi politiki y'igihugu yerekeye iterambere yemejwe muri Mutarama 2004.

#### Uburyo bukoreshwa n'uhugura:

Abitabiriyeye amahugurwa bagomba kungurana ibitekerezo ku buryo bavugaga uko bumva uburinganire. Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri bamwe, ni ngombwa kwandika ibitekerezo by'ingenzi ukabishyira ku rupapuro rukoreshwa nk'ikibazo hanyuma ugasobanura igishushanyo. Igiti kigaragaza imiterere y'uburinganire cyane cyane hagati y'abagabo n'abagore. Imizi yacyo ikomeza gukura kandi ikaba iteza ibibazo bitandukanye mu buzima bwa buri muni bw'iki gihe.

1. Imizi yerekana ibintu bitandukanye bitera ubusumbane nk'imyumvire ifatiye ku muco n'ibindi bitekerezo binyuranye ku byerekeye imibereho.
2. Umubyimba w'iki giti werekana umuyoboro ibyo bitekerezo bicamo bikagera mu bwenge bw'umwana igihe amaze gukura. Iyo miyoboro ni nk'umuryango, idini, amashuri, ku kazi, itegeko, ibitangazamakuru n'ibindi.
3. Amashami y'iki giti yerekana ibibazo biterwa n'ubwo busumbane mu buzima bwa buri muni.

### 3.3 Uburinganire ni iki?

Uburinganire bushobora gusobanurwa « nk'uruhare, inshingano, agaciro ndetse n'imyifatire sosiyete iyi n'iyi iha abagore, abagabo, abahungu n'abakobwa ahantu aha n'aha no mu gihe iki n'iki». Uburinganire busobanurwa hifashishijwe uburyo bw'imibanire mu bantu. Uburinganire bwitabwaho kuri buri rwego rwo gufata ibyemezo, mu gikorwa icyo ari cyo cyose no mu bikorwa byacu byose ndetse no mu buzima bwacu bwite no mu mikorere y'inzego

Igihe umuntu aya impaka ku byerekeye uburinganire agomba kwita ku bintu bikurikira:

Ibintu bifatiye ku mibanire hagati y'abantu

Imiterere y'umubiri w'umuntu

Ibintu bifatiye ku mibanire hagati y'abantu	Ibintu bifatiye ku miterere y'umubiri w'umuntu
<p>Aha ni uburyo sosiyete iyi n'iyi ifata umugore. Harimo ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Umugore atera ibyishimo ku mureba uhereye ku myenda n'amajipo yambaye ibindi nk'imitako yo ku maboko n'amaherena.</li> <li>• Amazina ahabwa abagore n'abagabo.</li> <li>• Ingendo y'abagore n'abagabo.</li> </ul> <p>Ubwoko b'umurimo ukorwa b'abagore, abagabo, abahungu n'abakobwa. Inshingano zihabwa abagore, abagabo, abahungu n'abakobwa.</p> <p>Uburyo abagore, abagabo, abahungu n'abakobwa babonwa kandi bahabwa n'agaciro.</p> <p>Ibyo tuvuze haruguru usanga rimwe na rimwe bivanwa kuri bamwe bigakoresheya ku bandi. Kandi na none bigenda bihinduka bitewe n'ahantu aha n'aha. Ni yo mpamvu amazina ahabwa abagabo muri sosiyete iyi n'iyi ashobora gukoreshwa ku bagore mu yindi sosiyete.</p>	<p>Ibyo bintu ni ibisobanura umuntu bifatiye ku miterere y'umubiri we. Ibyo bintu bifatiye ku miterere y'umubiri bitandukana ku bantu b'ibitsina bitandukanye kandi bigatandukanya ku buryo bugaragara abantu b'ibitsina bitandukanye. Muri byo twavugaga:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Imyanya mpuzabitsina</li> <li>• Amabere</li> <li>• Ijwi</li> <li>• Ubwanwa</li> <li>• Kujya mu mihango</li> </ul> <p>Ibyo bintu bifatiye ku miterere y'umubiri biba bitandukanye ku bantu badahuje igitsina. Umugabo agira umwana mpuzabitsina wihariye, akagira ubwanwa n'ijwi rinize naho umugore we akagira amabere, akajya mu mihango kandi agatwita. Zo nshingano zifatiye ku miterere y'umubiri kandi zirihariye haba ku bagore haba no ku bagabo kandi nta nubwo bazihinduranya ngo umwe afate iz'undi. Ibyo kandi ni ko bimeze muri sosiyete zose.</p>

Uburinganire ntaho buhuriye n'umurimo/akazi, inshingano, kwifuzwa kurenza abandi, imyitwarire n'uburyo abantu babona ibintu muri sosiyete.

Ibintu biherekeza uburinganire:

Ku byerekeye Umurimo/Akazi, abagore bo muri iki gihe ntibuzuza gusa inshingano zabo zo mu rugo ahubwo na none bakora imirimo bagakora n'akazi gakomeye hanze y'ingo zabo.



Ku byerekeye Inshingano, abagore bo muri iki gihe buzuzwa inshingano nyinshi mu ngo zabo. Bayobora ingo neza baba bafatanije cyangwa badafatanije n'abo bashakanye.

Ku byerekeranye no kwifuzwa kurenza undi, abagabo bifuzwa kurenza abagore ndetse guhera igihe bakiri bato. Abagabo bafatwa nk'aho ari uburyo bwo gukomeza ubuzima bw'umuryango cyane ko akenshi n'iyi bashatse baguma mu muryango. Abagore bo iyo bashatse bafatwa nk'aho bavuye mu muryango bakajya kuba mu wundi muryango.

Ku byerekeye Imyitwarire n'uburyo abantu babona ibintu muri sosiyete, abagore bahabwa agaciro hakurikijwe uruhare bagira mu muryango ndetse no muri sosiyete. Usanga mu ngo, ku kazi, mu muryango ndetse no mu mashuri harimo ubusumbane hagati y'umugabo n'umugore. Urugero nk'umubare w'abarimu b'abagabo ugereranije n'uw'abarimu b'abagore cyangwa se ndetse n'ibishushanyo dusanga mu bitabo by'imyandiko bigaragaza imirimo y'abagabo n'abagore usanga bigira ingaruka ku buryo umwana abona ibintu.

Duhereye ku byavuzwe haruguru, bigaragara neza ko abagore bakorerwa ivangura ku bijyanye n'umurimo, inshingano, kwifuzwa, imyitwarire n'uburyo abantu babona ibintu. Duhereye ku miterere y'umubiri, abagore bagaragara ko bafite intege nke ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina bityo ugasanga iterabwoba abagore bashyirwaho akenshi risa nk'irishingiye ku mibonano mpuzabitsina. Ibyo kandi ni byo bituma ahanini habaho ihohotera rishingiye ku gitsina. Ubwiyongere bw'ihohotera rishingiye ku gitsina ni uburyo abagore bashyirwaho imbaraga bakanategekwa kandi ibyo bikaba byangiza sosiyete. Ibyo bigomba guhinduka kandi kugira ngo iyo mpinduka ibeho hagomba ibi bikurikira:

- Sosiyete igomba gutozwa kubaha no kubahiriza abagore
- Amategeko ateza imbere kandi arinda uburenganzira agomba gushyirwaho kandi akubahirizwa.

### Imbonerahamwe y'ibikorwa bya buri munsi

#### Intego yihariye

Nyuma y'iki gice cy'isomo, abaryitabiriye bagomba kumenya:

- Gushushanya ingengabihe ya buri munsi ku bagore no ku bagabo
- Gutandukanya imirimo ikorwa n'abagore n'abagabo
- Kwerekana itandukaniro hagati y'inshingano z'abagore n'abagabo.

Uburyo bigerwaho:

*Gushyira abitabiriye isomo mu matsinda abiri rimwe rigizwe n'abagore gusa n'irindi rigizwe n'abagabo gusa. Kubaza itsinda rigizwe n'abagore kwerekana gusa imirimo ikorwa n'umugore usanzwe w'iwabo aho batuye. Bagomba kwerekana isaha abyukiraho n'imirimo akora umunsi wose kugeza igihe agiriye kuryama. Abagabo na bo bagomba gusabwa gukora gutyo. Guha ayo matsinda iminota 20 kugira ngo ategure ibyo ageza ku bandi.*



*Gushushanya ku rupapuro rukoresha nk'ikibaho imbonerahamwe ikurikira maze ukabaza abitabiriye isomo gutegura ibyo bageza ku bandi bakurikije uko mbonerahamwe ikurikira imeze.*

Urugero

Imbonerahamwe yerekeye abagabo

Isaha	Igikorwa
Saa kumi n'imwe za mugitondo	Kubyuka no gusenga
Saa kumi n'imwe n'iminota 15 za mu gitondo	Gucana umuriro no guteka ibya mu gitondo
Saa tanu za nijoro	Kujya kuryama

Amasomo avuyemo:

- Mu gukorera mu itsinda abagore bazakoresha igihe kirekire ugereranije n'abagabo
- Amasaha y'ibikorwa aragongana bakabura uko imirimo ihererekana
- Ibyo bazageza ku bandi bizatwara igihe kirekire kurenza iby'abagabo.

Igihe ayo matsinda arangije uwo murimo ni ngomba guha buri tsinda umwanya rikageza ku bandi ibyo ryateguye. Impaka zikomeza abahari basabwa kwerekana itandukaniro riri hagati y'ibyatanzwe n'abari mu matsinda kandi ibitekerezo byose bitanzwe bikandikwa ku rupapuro rukoresha nk'ikibaho.

Gukora incamake y'igice cy'isomo hagaragazwa ingingo z'ingenzi zikurikira:

- Abagore n'abagabo bakora imirimo itandukanye muri sosiyete.

- Bigaragara ko abagore bakora imirimo myinshi kurenza iy'abagabo.
- Abagore igihe cyabo kinini bakimara mu rugo mu gihe abagabo bava mu ngo bakajya gukorera hanze yazo.
- Abagabo bagira igihe cyo kwidagadura mu gihe abagore bo bibagora kubona umwanya wo kuruhuka.
- Umugore atanga serivisi naho umugabo we akaba yakira iyo serivisi.
- Abagore babyuka kare kare mu gitondo kurenza abagabo kandi bakanaryama nyuma y'abagabo.

Igihe izo ngingo zimaze kuvugwa, hakurikiraho kubwira abitabiriye isomo ko ubwo ari ubusumbane abantu bagerageza kubonera umuti hifashishijwe uburinganire. Ni yo mpamvu, ingingo ya 82 y'Itegekonshinga ry'u Rwanda ivuga ko: « Sena igizwe n'abantu makumyabiri na batandatu (26) bafite manda y'imyaka umunani (8) muri bo nibura mirongo itatu ku ijana (30%) bakaba ari abagore». Ingingo ya 26 y'Itegekonshinga ivuga ko « Abashyiranywe bafite uburenganzira n'inshingano bingana mu gihe cyo gushyiranywa, igihe babana n'igihe cyo gutandukana».

Hariho na none kandi politiki yo gushyigikira abana b'abakobwa bagira amanota meza mu mashuri.

**Igitsina (Genre)** bivuga uruhare, inshingano, agaciro ndetse n'imyumvire sosiyete iyi n'iyi iha abagore, abagabo, abahungu n'abakobwa ahantu aha n'aha no mu gihe iki n'iki.

**Uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore ni** uburyo bwo gufata kimwe abagore n'abagabo. Kugirango bafatwe kimwe, hari igihe tuba tugomba akenshi gushyiraho ingamba kugira ngo dukosore ibintu bishingiye ku mateka byatumye umugore ahezwa bigatuma adahabwa amahirwe angana n'ay'umugabo. Bivuga gukora ku buryo politiki na gahunda biriho bigirira akamaro abagore n'abagabo ku buryo bungana bityo ntizisige umugore inyuma y'abandi. Uburinganire bugamije guha abagore uburenganzira bwo gufatwa kimwe n'abagabo hakurikijwe amategeko, guhabwa amahirwe angana ku burezi; ku buzima, ku mutungo no ku bindi bikorwa remezo.

**Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo** bivuga ko bahabwa umwanya ungana, bagira uburyo bumwe bwo kugira uburenganzira bwabo bwa muntu no gukoresha impano yabo mu kugira uruhare mu iterambere rya politiki, ry'ubukungu, ry'imibereho myiza n'umuco by'igihugu cyabo no kugera ku byavuye kuri iryo terambere.

Uburinganire bw'abagore n'abagabo bivuga:

- Kuringanira imbere y'amategeko
- Kugira amahirwe angana, guhabwa ibihembo bingana no kugera ku mutungo

- Kugira ijwi ringana n'ubushobozi bungana mu gutanga ibitekerezo bigenderwaho mu nzira z'iterambere no kugira uruhare muri izo nzira.

Abagore bafite umutungo muke ugereraniye n'uw'abagabo. N'ubwo bashobora kubona umutungo w'ubutaka cyangwa gukora ibikorwa by'ubucuruzi, akenshi usanga ibyo bikorwa biyoborwa n'abo bashakanye cyangwa basaza babo. Ni yo mpamvu akenshi abagabo ari bo bakurikirana ikoresha ry'ubutaka ndetse akaba ari bo bagira ijamba rya nyuma ku mutungo uvuye muri ubwo butaka. Usanga akenshi ibyo abagore binjiza ari bike ugereraniye n'ibyo abagabo binjiza.


**Igitsina (sexe)** ni itandukaniro rishingiye ku miterere y'umubiri rigaragara hagati y'abagabo n'abagore kandi ritangira kugaragara umuntu akivuka. Ni karemano.

**Kongererwa ubushobozi** bivuga ko abagabo n'abagore bashobora kwirwanaho mu kwita ku buzima bwabo, bakigenera gahunda, bakunguka ubumenyi, bakiyizera, bagakemura ibibazo kandi bakarushaho kwihaza batagize undi bategerezako abafasha.

**Kwinjiza uburinganire mu nzego** Ni uburyo bukoreshwa mu kwita ku byo abagabo n'abagore bakeneye mu nzego zose. Aha twavugaga mu nzego za politiki na gahunda bitandukanye mu nzego za politiki, z'ubukungu, z'amadini n'iza sosiyete ku buryo izo nzego zigira akamaro abagore n'abagabo ku buryo bungana.

**Ihohotera rishingiye ku gitsina:** ni ubwoko bw'ihohotera rikorerwa abagore cyangwa abagabo kubera igitsina cyabo. Iri hohotera umuntu ashobora gushingira ku mubiri, ku bitekerezo, ku gitsinda cyangwa ku bukungu.

**Gushyigikira uburinganire:** Kugira ngo ubusumbane buveho abantu bashishikarizwa guteza imbere ingamba zishyigikiye uburinganire. Ibyo bivuze ko muri gahunda n'imishinga byose hemezwa ko imirimo abantu basabwa gukora hashingiwe ku gitsina cyabo ari imyumvire iba iri muri sosiyete bityo ikaba ishobora guhinduka bityo abagabo n'abagore bagafatwa kimwe.



### 3.4 Amategeko mpanabyaha n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

#### Imvano y'uko ihohoterwa rifatwa:

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyane cyane irikorera abagore n'abana ni imwe mu nzitizi zibangamiye iterambere ariko cyane cyane uburenganzira bwa muntu mu gihugu cyacu no ku isi yose muri rusange. Mu nama zitandukanye cyane iz'Umuryango w'Abibumbye abagore bagiye bagaragaza impungenge baterwa no guhohoterwa, bagatanga ubuhamya butandukanye bityo basaba ko ihohoterwa ryafatwa nk'icyaha kibasira inyokomuntu kandi batanga ingamba ku buryo bwo kurirwanya.

Inama y'Umuryango w'Abibumbye yabereye i Vienne muri Autriche muri 1993 yemeje ko ihohoterwa rikorerwa abagore ari ukubavutsa uburenganzira bwabo bwa muntu bityo iyo nama ikaba yarasabye Leta zose ko zakora uko zishoboye zikarirandura burundu. Kuva icyo gihe hariyeho hakorwa byinshi mu kurirwanya no kurikumira. Ihohoterwa ryagiye riboneka kenshi mu duce twinshi kandi rikagira ingaruka mbi ku buzima bw'umuntu mu iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu. Mu rwego rw'ibikorwa hatekerejwe kuri "Campaign" yo kwamagana ihohoterwa rikorerwa abagore uko ryaba risa kose. Nko kuva tariki 25 Ugushyamba kugeza kuya 10 Ukuboza buri mwaka, ku isi hose hazirikanwa iminsi 16 yahariwe kurirwanya.

Iyi minsi yemejwe bitewe cyane cyane n'impamvu zikurikira:

- Mu Ugushyamba 1960, ababikira barenga 5 bo muri Repubulika Dominikani bishwe n'ubutegetsi bwariho kubera ko bahoraga bahamagarira Leta gukuraho ubusumbane bwagaragaraga muri icyo gihugu
- Muri uko kwezi kandi, abanyeshuri b'abakobwa 14 bo muri Kaminuza ya Moreyali muri Kanada bishwe bunyamaswa na bagenzi babo kubera guharanira ko bari barasigaye inyuma
- Kuwa 1 Ukuboza ni umunsi mpuzamahanga wo kurwanya SIDA nk'imwe mu ngaruka zugariye umugore mu gihe ahohotewe ku gitsina
- Kuya 10 Ukuboza ni umunsi mpuzamahanga wo kwizihiza Itangazo Mpuzamahanga ryemejwe na LONI; bityo muri 1948 abaharanira ko uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa bakibukiranyaga ko iryo hohoterwa ritaracika burundu bityo ko uburenganzira bwa muntu bukomeje kuvogerwa.
- Aya matariki akaba yaratoranijwe hashingiye kuri icyo sano hagati y'ihohoterwa rikorerwa abagore n'uburenganzira bwa muntu muri rusange. Kuva muri 1990 u Rwanda rwifataniye n'ibindi bihugu muri icyo gahunda. Buri mwaka hakaba insanganyamatsiko y'isi ariko na buri gihugu kikagira umwihariko bitewe n'uko kibona muri urwo ruhando.

• Mu mategeko mpanabyaha dusangamo ingingo zerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina aho rifatwa nk'iry'uburenganzira bwa muntu. Iryo hohoterwa ririmo kubabaza umubiri w'umuntu nko gukubita, kumutema, kumukomeretsa no kumwica. Ibyo bishobora gukorwa n'abashakanye hagati yabo kandi bikaba bigomba gufatwa nk'ibyaha aho kwitwako ari ikibazo kireba abari mu rugo ubwabo. Ibyo byaha bigaragara mu itegeko mpanabyaha uhereye ku ngingo 212 kugeza ku ngingo ya 317 yaryo.

Iryo tegeko kandi ritegenyaga ihohoterwa umuntu akorerwa n'uwo bashakanye cyangwa abandira bantu nko gufata ku ngufu, gushaka gufata ku ngufu, gukoresha igitsure ku muntu ukuriye mu kazi ugamiye kumusambanya cyangwa gushakana n'uwo mufitanye isano ya hafi.

#### Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Bimwe mu bituma bitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni ibi bikurikira:

- Umuco.
- Ubukungu
- Amahirwe atangana ku murimo cyangwa ku kazi gahemberwa.
- Amategeko atanoze mu rwego rwo gukumira ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore.
- ...

Aho ihohoterwa ribera;

- Mu rugo
- Mu kazi
- Mu mashuri
- Mu madini

Amoko y'ihohoterwa akunze kugaragara

- Irishingiye ku gitsina
- Irishingiye ku mutungo
- Irishingiye ku marangamutima
- ...

Ingero z'ihohoterwa:

1. Gukubita umugore
2. Gufata ku ngufu,
3. Gushaka gufata ku ngufu,
4. Gukoresha igitsure ku muntu ukuriye mu kazi ugamiye kumusambanya cyangwa kwishimisha
5. Gushakana n'uwo mufitanye isano ya hafi





6. Ibikorwa by'iyica rubozo hagati y'abashakanye.
7. Kuba umwe mu bashakanye adafasha umuryango.
8. Kugurisha umutungo umuryango ugasigara amara masa.
9. Abana b'abakobwa badashobora kujya ku ishuri kugira ngo bashobore gukora imirimo yo mu rugo.

### Ihohoterwa rishingiye ku gitsina na Sida

Ubumenyi rusange kuri SIDA

- SIDA ni iki?

Ni indwara izahaza umuntu iterwa n'agakoko kamunga ubudahangarwa bw'umubiri bigatuma utakaza ubushobozi bwo kwirwanaho bityo indwara z'urudaca z'ibyuririzi zikawigabiza.

- Yandura ite?

Iby'ingenzi kugeza ubu bizwi ko byanduza ubwandu bw' SIDA ni ugukora imibonano mpuzabitsina idakingiye, mu maraso binyuze mu gukoresha ibikoresho bikomeretsa ku bantu benshi batandukanye batazi uko bahagaze (inzembe, imashini zogosha,...), umubyeyi ashobora kwanduza umwana amutwite, amubyara cyangwa igihe amwonsa.

- Ibitanduza byibeshywaho ko byanduza

Usangira n'urwaye

Kwambarana  
Gusuhuzanya

Uko twayirinda

Wirinda ibyavuzwe haruguru ko biyanduza.

- Iby'ingenzi byo kwitwararika mu gihe ubana na virusi itera SIDA

- 1 Kugira gahunda y'ubuzima
- 2 Kuganira n'abandi
- 3 Kwirinda ibinaniza umubiri
- 4 Kugira isuku
- 5 Kuruhuka
- 6 Kwirinda indwara
- 7 Kwita ku mirire
- 8 Kwiye gereza Imana

- Ikibazo cy'ihohoterwa na SIDA

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorwa iyo umwe atabishatse. icyo gihe ntushobora kumenya niba ari uhohotwe cyangwa uhohoteye baba bafite ubwandu bw'icyo cyorezo. Kubera ko virusi itera Sida idapimishwa ijisho abasambanijwe ku ngufu bashoboraga gukurizamo kwanduzwa batabizi. Ingorane yindi ikunze kugaragara kandi ni uko kwemera ikirego mu gihe bandujwe bigoye kubera ibimenyetso bisabwa n'inzira binyuramo Ubu tukaba twishimira ariko ko hari uburyo n'ubwo atari 100% ibyabaye ku bantu mu gihe runaka bishobora kwemerwa no gukurikiranwa.

Kubera ko ingaruka za Sida ari mbi ku muryango muri rusange no ku muntu by'umwihariko, abashinzwe gufasha abahohotewe bakwiye kurushaho kubumva kandi iyo ngingo bakayitaho kugirango hagabanywe cyangwa hanarwanywe uburyo bwo kwandura biciye mu gufatwa ku ngufu.

### Ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uburenganzira bwa muntu na SIDA

Ihohoterwa ni igikorwa umuntu akorerwa atabishatse. Ibyo bikaba bigaragara ko ari ukubuza umuntu umudendeze we bijyanye no kumubuza uburenganzira bwe bw'ibanze. Iyo rishingiye ku gitsina rikabya kugira isura mbi n'ingaruka ku warikorewe kubera ko ashobora gukurizamo kwandura SIDA. Iyo sano iri hagati y'ayo magambo uko ari atatu riragaragara neza. Guhohotera bivutsa umuntu uburenganzira, bikaba byatuma yandura icyorezo cya SIDA.

#### 3.4.1 Gukemura ibibazo bishingiye ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bagomba kwitabwaho mu bushishozi.

Mu gukemura ikibazo cy'ihohotera rishingiye ku gitsina ni ngombwa kwita ku bintu bikurikira:

### Uburyo bwo kumenyekanisha ihohotera rishingiye ku gitsina

Ihohotera rishingiye ku gitsina rivuga ibikorwa byo gufata ku ngufu. Uwakorewe ihohotera rishingiye ku gitsina agomba:

- ▶ Kujya kwa muganga mu gihe kitarenze amasaha 72 amaze gufatwa ku ngufu ku buryo yavurwa bityo bakamufasha kudasama, kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ndetse na virusi itera SIDA.
- ▶ Kujya ku biro bya polisi bimwegereye agakora inyandiko mvugo y'ibyamubayeho. Agomba guhabwa na polisi inyandiko igomba kuzuzwa na muganga. Iyo nyandiko iyo imaze kuzuzwa na muganga isubizwa kuri polisi.
- ▶ Kwirinda koga mbere yo kujya kwa muganga kuko iyo akarabye bituma ibimenyetso bitagaragara. Iyo bishobotse, uwakorewe ihohotera asabwa kujya kwa muganga uko ari ntacyo yihinduyeho. Nyamara ariko hagomba gukorwa ku buryo nta bantu bashobora kumuseka. Ni ngombwa cyane ko umuntu ajya kwa muganga umubiri we ntacyo awuhinduyeho cyane ko ibyo bifasha mu nzira zo gukusanya ibimenyetso.
- ▶ Imyenda yaciriweho afatwa ku ngufu agomba kuyishyira mu gikapu cyangwa mu mufuka. Ni ngombwa kwirinda igikapu cyangwa umufuka ukoze muri plastiki kuko bene uwo mufuka cyangwa igikapu bifata uruhumbu bityo bikaba byakwangiza ibimenyetso.
- ▶ Gukora ku buryo umuganga yuzuza inyandiko nyayo.
- ▶ Gufasha uwakorewe ihohotera mu byo akeneye byose byaba mu rwego rw'ubuvuzi cyangwa mu rukiko.

### 3.4.2 Ibyo umuntu agomba gukora

- i. Kubaza ibibazo uwahohotewe mwiherereye mu cyumba
- ii. Gukoresha imvugo isanzwe igihe umubaza ibibazo
- iii. Kumuha umwanya ukumva ibyo akubwira kurusha uko wowe wavuga ubwawe.
- iv. Igihe uwahohotewe afite igihunga ni ukumuha akanya agatuza. Ni ngombwa kugerageza kumubwira akisanzura.
- v. Kumubaza ibibazo bya ngombwa gusa.
- vi. Kugira ikizere
- vii. Kutabogama.
- viii. Kwita ku muntu wakorewe ihohoterwa ku buryo bwa gihanga.

### ix. Abana:

- Kubabwira ko nta kibazo gihari
- Igihe abo bana baherekejwe n'ubarera, polisi igomba kubabaza ibibazo umuntu wabaherekeje ahari
- Abana bagomba guhabwa umwanya bakavuga nta kubarogoya kuko iyo bitabaye ibyo bananirwa gukurikiranya ibyo bavuga.
- Kwereka umwana ikinyabupfura.

### x. : Abantu bafite ubumuga:

- Kubaha umuntu wa hafi ushobora kugira uruhare mu kubafasha mu kibazo cyabo
- Gukora ku buryo ikimenyetso kigaragara ku myenda yabo kitabura
- Kumwitaho umuha agaciro
- Kubaherekeza igihe bagiye ku nzobere igomba kwemeza ibyababayeho no gufata ibimenyetso ndetse n'ibizamini.

### xi. Abageze mu za bukuru:

- Ubishinzwe agomba kugerageza kumenya mwene wabo wa hafi ugomba kumuba hafi igihe ari kubazwa ibibazo.
- Kumwitaho umugaragariza agaciro gashoboka kose.
- Kugaragaza kwihangana no kwihanganira ikintu iki n'iki.
- Kumuhumuriza.

### 3.4.3 Ibyo umuntu agomba kwirinda

- Kwirinda kuvuga nabi
- Kwirinda kubaza uwakorewe ihohoterwa mu ruhame.
- Kwirinda kumwereka akarengane cyangwa kwerekana ukubogama.
- Kwirinda gukuriririza icyaha yakorewe
- Kwirinda gutuma uwakorewe ihohoterwa ategereza igihe kirekire
- Kwirinda kumusaba ikintu iki n'iki cyangwa kumwaka ruswa.
- Kutamusubirishamo kenshi

Abana:

- Kwirinda guhobera umwana
- Kwirinda gushyira umwana ho igikangisho cyangwa kumutera ubwoba

Abantu bahohotewe bafite ubumuga bwo mu mutwe:

- Kwirinda kubirukana igihe baje nta muntu ubaherekeje ahubwo ugomba kugerageza uko ushoboye ukabumva kugira ngo umenye ukuri mu byo bakubwira
- Kugerageza kumva ururimi rwe, ibimenyetso ...

Abantu bageze mu za bukuru:

- Kwirinda guhutaza umuntu wakorewe ihohoterwa igihe umubaza ibibazo.

### **Ibanga n'umutekano ku wahohotewe**

Ibanga ni iki ?

Abantu bamwe bibeshya ko ibanga ari uguhamisha muri wowe cyangwa mu mutima uko dukunze kuvuga icyo wabonye cyangwa se wumvise. Akenshi abanyarwanda dukunze kwibwira ko twagize ibanga naho bitagomba ngo tutava aho twiteranya na bagenzi bacu cyangwa n'abandi muri rusange. Ku kibazo cy'ihohoterwa cyo hari impamvu nyinshi kubera ubukana bw'ibihano bishamikiyeho tukanga kwiteranya n'abaturanyi n'inchuti, tukanga gushyira ahagaragara abana bacu ngo bitabwira amahirwe y'ejo hazaza n'ibindi.

Umutekano wo tuwuzi nk'igihe cyose kitarangwamo impagarara, imvururu, amahane n'ibisa nabyo.

Ibanga rero si uguceceka ahubwo ni ukuvuga icyo wabonye cyangwa wumvishe ukakibwira uwo bireba waba afite uruhare mu gukemura ikibazo no kubungabunga icyiza cy'uwahohotewe. Iryo banga rirafasha kandi rikubaka impande bireba.

Urugero : niba winjiye mu biro ushaka shefu utamubona ukabwira umunyamabanga we icyakugenzaga wasohoka agahita abibwira mugenzi we icyo gihe nta banga aba agaragaje. Ariko niba ukimubwiye akakibwira shefu wungirije icyo gihe hari ibanga kuko uwo ukibwiye nawe afite uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo kandi akaba akorana hafi na shefu uwaje yashakaga kugeraho.

Mu bireba ihohoterwa ibanga rituma habaho umutekano atari gusa ku wahohotewe ahubwo kubo babana, umugore/ umugabo we, abana n'umuryango nyarwanda muri rusange. Kugirango ibanga ribeho kandi ryubahirizwe, ni byiza ko habaho uburyo buhuza inzego bireba kugirango amakuru ajye kangu agere ku barebwa n'ikibazo kandi bagira icyo bakoraho mu buryo bwo kurenganura uwahohotewe. Muri uru rwego tukishimira ko hariho komite zo kurwanya ihohoterwa zashyizweho kuva ku mudugudu kugera ku rwego rw'igihugu, zikaba zigaragaramo abantu b'inzego zitandukanye.

Twese hamwe nk'abitsamuye turwanye ihohoterwa uko ryaza riri kose, n'ubarikora wese. Duhanirwe amategeko ariho yubahirizwa mu gihe ibyo byaha byagaragaye.

Ibindi ku birebana n'ihohoterwa rikorerwa abagore, ubu mu Rwanda dufite Itegeko ryemejwe kuwa 10/9/2008, ritangazwa kuwa 6/4/2009 ubu rikaba rikurikizwa : « **ITEGEKO N°59/2008 RYO KUWA 10/9/2008 RIKUMIRA KANDI RIGAHANA IHOHOTERWA IRYO ARI RYO RYOSE RISHINGIYE KU GITSINA** »

## **URWEGO RW'AMATEGEKO MU RWANDA**

Amategeko y'u Rwanda akomoka ku mategeko yashyizweho n'abakoloni b'Ababiligi. Amategeko mpanabyaha n'ay'imbenezamubano yashizweho yari Igitabo cy'urwunge rw'amategeko mbenezamubano na mpanabyaha ya Kongo y'Ababiligi. N'ubwo amategeko mpanabyaha yagombaga kubahirizwa hose, amategeko mbenezamubano yanditse yakoreshwaga gusa ku bazungu. Amategeko gakondo yakomeje gukoreshwa kuri ba kavukire. Ni yo mpamvu urwego rw'amategeko mbenezamubano y'u Rwanda ariho muri iki gihe ashingiyeye ku rwego rw'amategeko mbenezamubano y'Abadage n'Ababiligi no ku mategeko gakondo.

### **3.5 Itegekonshinga**

Itegekonshinga ni ryo tegeko riri hejuru y'andi mategeko mu Rwanda. Itegeko iryo ari ryo ryose cyangwa umuco gakondo binyuranye n'iryo tegeko nshinga nta gaciro biba bifite. Ingingo ya 16 y'Itegekonshinga igira iti: « Abantu bose barangana imbere y'amategeko. Itegeko ribarengera ku buryo bumwe nta vangura iryo ari ryo ryose ».


#### **3.5.1 Uburenganzira bw'ibanze ku bijyanye n'ubutabera mpanabyaha**

1. Ubwisanzure bwa muntu bwubahirizwa na Leta. Ntawushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa guhanirwa icyaha keretse mu gihe biteganywa n'amategeko akurikizwa mu gihe icyaha akurikiranyweho cyakorewe.
2. Umuntu wese afatwa nk'umwera ku cyaha aregwa igihe cyose kitaramuhama burundu mu buryo bukurikije amategeko, mu rubanza rwabereye mu ruhamwe kandi ruboneye, yahawe uburyo bwose bwa ngombwa bwo kwiregura. Ntawushobora kuvutswa kuburanira imbere y'umucamanza itegeko rimugenera.
3. Ntawushobora guhanirwa ibyo yakoze cyangwa atakoze, iyo amategeko y'igihugu cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igihe byakorwaga. Na none ntawushobora gucibwa igihano kiruta icyari giteganyijwe n'amategeko mu gihe yakoraga icyaha.

### **3.6 Imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko**


Imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko mu Rwanda bigenwa n'Itegekongenga N° 07/2005 ryo ku wa 25/04/2004 ndetse n'Itegekonshinga. Ingingo ya 64 ivuga ko inkiko zigenga kandi ko zitandukanye n'izindi nzego za Leta. Inkiko ziteye ku buryo bukurikira:





### Uko inkiko zisumbana

Inkiko zisumbana ku buryo bukurikira:



#### 3.6.1 Urukiko rw'ikirenga

Urukiko rw'Ikirenga ni rwo rukiko rukuriye izindi mu gihugu. Ibyemezo byarwo ntibijuririrwa keretse igihe habayeho kujirira umuntu asaba ko hatangwa imbabazi cyangwa hasubirishwamo icyemezo cyafashwe n'ubutabera.

##### Ububasha bw'Urukiko rw'ikirenga

Ubwo bubasha bugaragara mu ngingo y'145 y'Itegekonshinga no mu yandi mategeko.

Muri ubwo bubasha harimo:

- i. Kuburanisha mu mizi ibirego birebana n'ubujurire bw'imanza zaciwe n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika ndetse n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare;
- ii. Gukurikirana ko inkiko zikurikiza amategeko, guhuza no kugenzura ibikorwa byazo ;
- iii. Gufata icyemezo ku birego birebana n'uko amategeko anyuranye n'Itegekonshinga;
- iv. Gukemura, rubisabwe, impaka zerekeye inshingano zivutse hagati y'inzego za Leta;
- v. Guca imanza zerekeye amatora ya referendumu, aya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko ;
- vi. Kuburanisha mu manza z'inshinjabyaha mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe;
- vii. Kwakira indahiro ya Perezida wa Repubulika n'ya Minisitiri w'Intebe mbere y'uko batangira imirimo yabo;
- viii. Kuburanisha Perezida wa Repubulika kubera icyaha cyo kugambanira Igihugu cyangwa kwica Itegeko Nshinga bikomeye kandi nkana ;
- ix. Kwemeza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwuriho igihe yapfuye, yeguye, yaciwe igihano n'urukiko kubera icyaha;
- x. Gushyikiriza guverinoma umushinga w'itegeko uwo ari wo wose werekeye imiterere y'urwego rw'ubucamanza;
- xi. Gutanga ibisobanuro mpamo ku muco gakondo utanditse mu gihe amategeko yanditse ntacyo abivugaho.

#### 3.6.2 Urukiko rukuru

Icyicaro cy'Urukiko Rukuru kiri mu mugwi wa Kigali. Rufite ububasha ku butaka bwose bwa Repubulika. Urukiko Rukuru rufite ububasha bwo kuburanisha ku rwego rwa mbere ibyaha bimwe bikomeye ndetse n'ibindi byaha byakorewe hanze y'u Rwanda nk'uko itegeko ribiteganyaho.

##### 3.6.2.1 Ububasha mu manza z'ishinjabyaha

Urukiko Rukuru rwa Repubulika ruburanisha imanza z'inshinjabyaha zajuririwe, zaciwe mu rwego rwa mbere n'Inkiko zisumbuye.

Urukiko Rukuru rwa Repubulika ruburanisha kandi imanza z'inshinjabyaha zajuririwe, zaciwe mu rwego rwa kabiri n'Urukiko rwisumbuye igihe izo manza:

1. Zitagaragaza na busa impamvu zishingiyeho mu icibwa ryazo, zishingiye ku itegeko ritariho cyangwa zaciwe n'Urukiko rutabifitiye ububasha ;
2. Zaciwe hashingiwe ku kimenyetso, inyandiko cyangwa imyanzuro byatanzwe nyuma yo gupfundikira iburanisha kandi hatabayeho gusubukura iburanisha;
3. Zaciwe n'inteko itujuje umubare ugenwe n'amategeko;
4. Zasomwe n'umucamanza utaraziburanishije;
5. Zitaburanishijwe mu ruhame kandi nta muhezo wategetswe.

Urukiko Rukuru rwa Repubulika rufite ububasha bwo kuburanisha mu rwego rwa mbere ibyaha byakozwe n'abasiviri, uretse abana, bikurikira :

1. Ibyaha by'ubuhotozi n'iby'ubwicanyi;
2. Ibyaha byo kugambanira igihugu;
3. Ibyaha byo guhungabanya umutekano wa Leta;
4. Ibyaha by'iterabwoba;
5. Ibyaha by'intambara;

### 3.6.2.2 Ububasha mu manza z'imbonezamubano

Urukiko Rukuru rwa Repubulika ruburanisha ibirego bisaba kurangiza mu Rwanda imanza cyangwa ibyemezo byafashwe n'Inkiko zo mu mahanga.

Isuzumwa ry'urwo rubanza rikorwa harebwa ibi bikurikira :

- i. Ko urubanza rwaciriwe mu mahanga, rutanyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda;
- ii. Ko rwaciwe burundu hakurikijwe amategeko y'Igihugu rwaciriwemo;
- iii. Ko kopi yarwo yujuje ibyangombwa byose byemeza ko ari impamo, hakurikijwe ayo mategeko;
- iv. Ko uburenganzira bwo kwiregura bwubahirijwe.

### 3.6.3 Inkiko zisumbuye ( Inkiko zo ku rwego rw'Intara n'ururi i Kigali)

Inkiko zisumbuye zishobora kuburanisha imanza z'imbonezamubano n'imanza z'inshinjabyaha. Izo nkiko zigizwe n'ingereko zihariye arizo urugereko ruburanisha abana, urugereko ruburanisha imanza z'ubucuruzi, urugereko ruburanisha imanza z'ubutegetswe n'urugereko ruburanisha imanza z'imirimo. Rufite kandi ububasha bwo kujuririrwa ku manza zaciwe n'inkiko z'ibanze.

### 3.6.3.1 Abagize urukiko

- Perezida w'Urukiko;
- Visi Perezida;
- Abandi bacamanza 5 nibura;
- Abanditsi b'urukiko;
- Abakozi bunganira kugira ngo imirimo y'urukiko igende neza.

### 3.6.3.2 Ishyirwaho ry'abacamanza

Perezida, Visi Perezida n'abacamanza b'inkiko zisumbuye bashyirwaho kandi bakavanwa ku mirimo yabo na Perezida w'Urukiko rw'ikirenga byemejwe n'Inama nkuru y'ubucamanza.

### 3.6.3.3 Ububasha mu manza z'inshinjabyaha

1. Inkiko Zisumbuye ziburanisha ibyaha bihanishwa igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5), keretse ibyaha iri tegeko ngenga ryahariye izindi nkiko.
2. Zinaburanisha ibyaha byerekeye amategeko y'umuhanda.
3. Inkiko zisumbuye ziburanisha imanza z'inshinjabyaha zajuririwe zivuye mu Nkiko z'ibanze zo mu ifasi yazo.

### 3.6.3.4 Ububasha mu manza z'imbonezamubano

1. Mu manza z'imbonezamubano, Inkiko Zisumbuye ziburanisha mu rwego rwa mbere imanza zose zitahariwe kuburanishwa n'izindi nkiko. Runaburanisha kandi mu rwego rwa mbere imanza zose zijyanye n'iby'ubwishingizi hatitawe ku gaciro k'ikiburanwa;
2. Inkiko Zisumbuye ziburanisha imanza zajuririwe, zaciwe mu rwego rwa mbere n'Inkiko z'ibanze zo mu ifasi yazo;
3. Ziburanisha kandi mu rwego rw'ubujurire, ibyemezo byafashwe ku birego byihutirwa na ba Perezida b'Inkiko z'ibanze, cyangwa abacamanza babihereye ububasha;
4. Perezida w'Urukiko Rwisumbuye, Visi-Perezida cyangwa umucamanza wabihereye ububasha, aburanisha ibirego byihutirwa byerekeranye n'imanza z'imbonezamubano biri mu bubasha bw'Inkiko Zisumbuye.

### 3.6.4 Inkiko z'ibanze (Inkiko zo ku rwego rw'ibanze)

Hashyizweho muri buri karere urukiko rw'akarere n'urukiko rw'Umujyi wa Kigali. Ingingo ya 4 y'Itegeko ngenga n°07/2004 ryo ku wa 25/04/2004 igena abagize inkiko z'ibanze, ububasha bwazo ndetse n'uburyo abazigize bashyirwaho.

**3.6.4.1 Abagize urukiko rw'ibanze**

- Perezida w'Urukiko;
- Abacamanza babiri nibura;
- Abanditsi;
- Abandi bakozi ba ngombwa bunganira.

**3.6.4.2 Ishyirwaho ry'abacamanza**

Perezida n'abacamanza b'urukiko rw'ibanze bashyirwaho kandi bakavanwa ku mirimo yabo na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga byemejwe n'Inama nkuru y'ubucamanza.

**3.6.4.3 Ububasha mu manza z'inshinjabyaha**

Inkiko z'ibanze ziburanisha ibyaha byose uretse ibihanishwa igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) kimwe n'ibyerekeranye n'amategeko y'umuhanda .

**3.6.4.4 Ububasha mu manza z'imbonezamubano**

Inkiko z'ibanze ziburanisha mu rwego rwa mbere:

1. Impaka ziri hagati y'abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo bifite ubuzimagatozi zireba ibirego bitarengeje miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000Frw), uretse ibirego by'indishyi zijyanye n'ubwishingizi kimwe n'izikomoka ku byangijwe n'icyaha kigenewe kuburanishwa n'urundi rukiko;
2. Imanza zerekeye amasambu n'amatungo n'izungura kuri ibyo bintu;
3. Imanza zerekeye umutungo wimukanwa utarengeje agaciro ka miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000Frw) n'izungura kuri uwo mutungo;
4. Imanza zerekeye undi mutungo utimukanwa utari amasambu, utarengeje agaciro ka miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000 Frw) n'izungura kuri uwo mutungo;
5. Imanza zerekeye imimerere y'abantu n'umuryango.
6. Inkiko z'ibanze ziburanisha mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma imanza zose ziburanwamo ibitarengeje agaciro k'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW )

**3.6.4.5 Ubujurire**

Imanza zaciwe n'Inkiko z'ibanze zishobora gusubirwamo n'izo nkiko cyangwa zikajuririrwa mu nkiko zisumbuye. Nyamara icyemezo cyafashwe ku manza zifite agaciro katarengeje amafaranga 50.000 biba byafashwe burundu.

**Inkiko zihariye**

Muri izo nkiko harimo Inkiko gacaca zishinzwe gucira imanza abantu baregwa icyaha cya jenocide n'ibyaha byibasiye inyoko muntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'itariki ya 31 Ukuboza 1994 uretse imanza ziri mu bubasha bw'izindi nkiko. Zirimo kandi n'inkiko za gisirikare.

**3.6.5 Inkiko za gisirikare**

Inkiko za gisirikare zigizwe n'Urukiko rwa gisirikare n'Urukiko rukuru rwa gisirikare. Inkiko za gisirikare zica imanza ku byaha byose byakozwe n'abasirikare hatitawe ku mapeti yabo. Kugira ngo Urukiko rwa Gisirikare rushobore kuburanisha byemewe, umubare w'abagize inteko y'abacamanza ugomba kuba igiharwe, utari munsi ya batatu (3), bunganiwe n'umwanditsi w'urukiko.

**Urukiko rukuru rwa gisirikare**

Urukiko Rukuru rwa Gisirikare ruburanisha ibyaha byose bihungabanya umutekano wa Leta n'iby'ubuhotozi byakozwe n'abasirikare, rutitaye ku ipeti ryabo. Ruburanisha ku rwego rw'ubujurire imanza zaciwe n'Urukiko rwa Gisirikare. Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rugizwe nibura n'abacamanza icyenda (9), habariwemo Perezida warwo na Visi-Perezida. Mu mirimo ye, Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare asimburwa na Visi-Perezida, na we yaba adahari cyangwa yagize impamvu zituma ataboneka, Visi-Perezida agasimburwa n'umucamanza usumbuye abandi uburambe mu ipeti rikuru.

**Ishyirwaho ry'abacamanza**

Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, Visi-Perezida n'abacamanza barwo, bashyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe batoranijwe mu ngabo z'igihugu kandi bisabwe na Minisitiri ufite Ingabo z'igihugu mu nshingano ze. Nta gihe kigenwe bategetswe kumara mu kazi kabo. Ariko bashobora gukurwaho igihe cyose, hakurikijwe uburyo bashyizweho, bitewe n'ubushobozi buke, imyitwarire mibi yabagaragayeho cyangwa izindi mpamvu ziteganywa n'itegeko.

**3. 4.6 Akamaro k'ubwunzi mu gukemura amakimbirane**

Ubwunzi ni uburyo bwifashishwa mu gukemura amakimbirane. Ni uburyo abantu bagomba kwifashisha mbere y'uko bajya mu nkiko. Umuntu yitabaza umwunzi ku bushake bwe. Akenshi ubwunzi ni uburyo bukorwa mu ibanga kandi budasanze bwifashishwa mu gukemura amakimbirane. Icyo gihe umuntu udafite aho abogamiye afasha impande ebyiri cyangwa zirenze kujya impaka ku makimbirane zifitanye maze bakayashakira umuti ubereye buri ruhande. Umwunzi atandukanye n'umucamanza cyangwa umukemurampaka kuko we adafata icyemezo kuko impande zifitanye amakimbirane ni zo zishakira ibisubizo ubwazo.



### Ubwunzi bushobora gukoreshwa gute?

Ubwunzi bushobora gukoreshwa mu gukemura amakimbirane avuka hagati y'abantu mu mibanire yabo itandukanye:

- **Mu muryango:** Gukemura ibibazo bijyanye no guha inkunga y'amafaranga uwo mwashakanye cyangwa abana, gahunda zo kubyara, kugabana umutungo tutibagiwe n'amakimbirane yerekeye umutungo utimukanwa;
- Gukemura ibibazo biri hagati y'**uwaguriye n'uwagurijwe**, amakimbirane ari hagati y'amasosiyete, aturutse ku masezerano abantu bagiranye, kwirukanwa umuntu azira ubusa cyangwa se ibindi bibazo mbonezamubano.
- Gutegura no kugira uruhare mu gukemura ibibazo **byerekeranye n'umurimo**,
- **Uwahohotewe n'uwamuhohoteye:** Gufasha kugera ku bwumvikane bushimishije uwahohotewe kandi wubahiriza n'inyungu z'uwakoze icyaha.
- **Abaturage:** Gukemura amakimbirane hagati y'abaturanyi n'amakimbirane hagati y'imiryango itandukanye.
- **Ihuriro ry'imico:** Gukemura amakimbirane hagati y'abantu bakomoka mu mico itandukanye.

### Ibyiza byo kwitabaza ubwunzi

- Impande zombi zishimishwa n'umwanzuro wafashwe cyane ko zombi zigira uruhare ku bushake bwazo rwo gushakira umuti amakimbirane.
- Inzira y'ubwunzi iteza imbere ubufatanye no gushyikirana hagati y'impande zifitanye amakimbirane. Icyo gihe kandi umubano hagati y'izo mpande urabungwabungwa.
- Ubwunzi bufasha abantu kugenzura no gufata ibyemezo bizagira ingaruka ku buzima bwabo.
- Inziray'ubwunzi ikorwa mu ibanga.
- Inzira y'ubwunzi irihuta kurusha inzira yo mu nkiko. Impande zifitanye amakimbirane zishobora guhura zikayakemura igihe icyo ari cyo cyose bitewe n'igihe umuhuza abonekeye ibyo rero bikaba bitandukanye no mu nkiko kuko hari inzira igomba gukurikizwa kugira ngo urubanza rucibwe.
- Igihe cyo gukora ubwunzi impande zifitanye amakimbirane zishobora kujya impaka maze zigakemura umubare munini w'ibibazo urenze uw'ibibazo byakemurwa ikibazo kiramutse kigiye mu rukiko.
- Iyo ubwunzi bujyanye n'ubwunganizi mu mategeko usanga kenshi butwara amafaranga make ari hasi y'ayatangwa ikibazo kiramutse kigiye mu nkiko.

## 5. ITEGEKO RYEREKEYE UBUSHYINGIRANWE MU RWANDA

Ingingo ya 26 y'Itegekonshinga ivuga ko ubushyingiranwe bw'umugabo umwe n'umugore umwe bukorewe mu butegetsi bwa Leta ari bwo bwonyine bwemewe. Nta wushobora gushyingirwa atabyemeye ku bushake bwe, yaba uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo. Abashyingiranywe bafite uburenganzira n'inshingano bingana mu gihe cyo gushyingiranywa, igihe babana n'igihe cyo gutandukana.

### Ibisabwa mu bushyingiranwe

Kugira ngo abantu bashyingiranwe, bagomba kubahiriza ibintu bikurikira:

- Ugushyingiranwa gukorwa hagati y'umugore n'umugabo (abadahuje igitsina)
- Abashyingiranwa bagomba kuba bafite nibura imyaka 21
- Iyo umwe mu bashyingiranwa afite imyaka iri hasi ya 18, ugushyingiranwa kwabo kwemezwa na Minisitiri w'Ubutabera cyangwa umuhagarariye. Ibi biteganijwe mu ngingo y'171 y'itegeko n° 42/1988 rigenga umuryango.
- Abateganya gushyingiranwa bagomba kubiyemerera ubwabo.
- Mbere y'uko abantu bashyingiranwa, hagomba gutangwa itangazo ry'uko abo bantu bateganya gushyingiranwa. Iryo tangazo rikorerwa ku biro by'umurenge kandi rigashyirwa ahantu buri wese ashobora kuribona.
- Iryo tangazo rimara iminsi 20. Iyi icyo gihe gishize nta muntu wari watambamira iryo shyiringirwa, abantu barashyingiranwa ku munsi uwari wose ukurikira irangira ry'icyo gihe.
- Nta muntu ushobora gushyingiranwa n'uwo bavukana cyangwa bafitanye isano ya bugufi
- Mbere y'uko abantu bashyingiranwa bagomba kwerekana icyemezo kigaragaza ko ari ingaragu. Icyo cyemezo gitangwa n'Umunyamabanga nshingwabikorwa igihe ugushyingiranwa kubereye ku murenge cyangwa se kigatangwa na ambasaderi iyo ushyingirwa ari mu gihugu cyo hanze.
- Bagomba kwerekana icyemezo cy'amavuko kugira ngo berekane niba bafite imyaka 21.
- Iyo umwe mu bagomba gushyingiranwa ari umupfakazi, bagomba kwerekana icyemezo kigaragazako uwo bari barashakanye yapfuye.

### 5.1 Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe tuyisanga mu itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura. Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe iteye ku buryo bukurikira:

### 5.1.2 Ivangamutungo rusange

Ubu buryo bw'imicungire tubusanga kuva ku ngingo ya 3 kugera ku ngingo ya 6 y'iryo tegeko. Abashakanye iyo bahisemo ivangamutungo rusange baba biyemeje ibintu bikurikira:

- Gushyira hamwe umutungo wabo wose waba uwimukanwa n'utimukanwa;
- Guhurira kuri uwo mutungo bivuga ibiwureba byose yaba n'imyenda ifatiyeho igihe bashyingiranwa cyangwa yo mu gihe kizaza;
- Abashakanye bashobora guhindura imicungire y'umutungo wabo hakurikijwe ingingo ya 19 y'iri tegeko;
- Iyo abashyingiranywe bahinduye uburyo bw'ivangamutungo rusange, umutungo rusange n'imyenda babigabana ku buryo bungana<sup>2</sup> ;
- Imyenda yafashwe mbere y'ihinduka ry'imicungire y'umutungo ishobora gukurikiranwa n'ababereyemo imyenda nyuma y'iryo hindura;
- Iyo imyenda yafashwe n'umwe mu bashakanye ku nyungu z'urugo, iyo myenda yishyurwa hifashishijwe umutungo rusange;
- Iyo umwe mu bashakanye yishyuye uwo mwenda akoresheje umutungo we bwite, uwo mwenda awusubizwa hifashishijwe umutungo rusange<sup>3</sup> ;
- Iyo abashyingiranywe bagabanye imyenda n'umutungo rusange igihe bahinduye imicungire y'umutungo ibikoresho bwite nk'imyambaro n'imitako yambarwa ku mubiri bisigara ari umutungo bwite wa buri wese mu bashyingiranywe.

### 5.1.3 Ivangamutungo w'umuhahano

Ubu buryo bw'imicungire tubusanga kuva ku ngingo ya 7 kugera ku ngingo ya 10 y'itegeko n°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe Abashakanye iyo bahisemo ivangamutungo w'umuhahano baba biyemeje ibintu bikurikira:

- Gushyira hamwe ibyo buri wese yazanye igihe cy'ishyingirwa kugira ngo bibe iremezo ry'umutungo wabo;
- Gushyira hamwe ibyo bungutse mu mibanire yabo bakorera hamwe cyangwa buri wese ku giti cye byaba impano cyangwa ibizungurwa;
- Abagiye gushyingiranwa bandika kandi bagaha umwanditsi w'irangamimerere ibaruramutungo rishyizweho umukono wabo ryerekana umutungo n'imyenda buri wese ageneye iremezo ry'ibihahano.
- Ikintu cyose kitabarurwe ko ari rusange kiba ari icya nyiracyo;

<sup>2</sup>Ingingo ya .....y'itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999

<sup>3</sup>Ingingo ya 23 yerekana uko imyenda yishyurwa ku bwoko bwose bw'ishyingiranwa uko ari butatu.

- Iyo abashyingiranywe bifujwe guhindura imicungire y'umutungo wabo hakurikijwe ingingo ya 19 y'iri tegeko, hagamijwe gukurikiza ivangamutungo w'umuhahano bagomba kwerekana urutonde rw'imyenda bagenera umuhahano;
- Iyo abashyingiranywe bahinduye bakiyemeza ivangamutungo w'umuhahano, kopi y'urwo rutonde yomekwa ku cyemezo cy'urukiko bikoze n'umukarani warwo akabyohereza umwanditsi w'irangamimerere;
- Imyenda yafashwe n'umwe mu bashyingiranywe mbere y'ishyingirwa yerekeye umutungo we yishyurwa n'uwafashe ku mutungo we bwite.

### 5.1.4 Ivanguramutungo rusange

Ubu buryo bw'imicungire tubusanga kuva ku ngingo ya 11 kugera ku ngingo ya 13 y'itegeko n°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe Abashakanye iyo bahisemo ivanguramutungo w'umuhahano baba biyemeje ibintu bikurikira:

- Gufatanya mu gukenura urugo;
- Gufata neze urugo rwabo hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese;
- Kugumana ukwikenuza, ugucunga no gukoresha uko bikwiye umutungo wabo bwite;
- Igihe umwe mu bashyingiranywe abangamira inyungu z'urugo, atuma umutungo we ukendera cyangwa awutagaguza yamburwa uburenganzira bw'icunga ry'umutungo we n'ubwo kwikenuza bisabwe n'umwe bashyingiranywe cyangwa n'undi wese ubifitemo inyungu;
- icyo kirego gitangwa mu buryo bw'ibirego byihutirwa kigashyikirizwa urukiko rwa mbere rw'iremezo rw'aho abashyingiranywe baba;
- Uretse iyo bibaye ngombwa ko hashyirwaho umucungamutungo ugenwe n'urukiko, ubundi urubanza ruha umwe mu bashyingiranywe wabisabye ububasha bwo gucunga iby'uwabwambuwe kimwe no kubibonaho urwunguko akoresha afata neza urugo rwabo ibisagutse akabishyingura;
- Uwambuwe ububasha nta kindi akoresha ibye uretse kumwitirirwa<sup>4</sup> ;
- Nyuma y'aho ashobora gusaba urukiko kumusubiza uburenganzira bwe iyo agaragajeko impamvu zatumye abwakwa zitakiriho<sup>5</sup> .

<sup>4</sup>Ingingo ya 12

<sup>5</sup>Ingingo ya 13



Ubwoko bw'amicungire y'umutungo	Ibyiza	Ibibabi
Imbonerahamwe ikurikira ikubiyemo ibyiza n'ibibi bifatiye kuri buri bwoko bw'amicungire y'umutungo nk'uko tubusanga mu itegeko:		
Ivangamutungo rusange Ingingo ya 3 kugera ku ku ya 6 y'iryo tegeko.	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Gushyira hamwe umutungo wabo wose waba uwimukanwa n'utimukanwa;</li> <li>• Guhurira kuri uwo mutungo bivuga ibiwureba byose yaba n'imyenda ifatiyeho igihe bashyingiranwa cyangwa yo mu gihe kizaza;</li> <li>• Abashakanye bashobora guhindura imicungire y'umutungo wabo hakurikijwe ingingo ya 19 y'iri tegeko;</li> <li>• Iyo abashyingiranwe bahinduye uburyo bw'ivangamutungo rusange, umutungo rusange n'imyenda babigabana ku buryo bungana;</li> <li>• Iyo imyenda yafashwe n'umwe mu bashakanye ku nyungu z'urugo, iyo myenda yishyurwa hifashishijwe umutungo rusange;</li> <li>• Iyo abashyingiranywe bagabanye imyenda n'umutungo rusange igihe bahinduye imicungire y'umutungo ibikoresho bwite nk'imyambaro n'imitako yambarwa ku mubiri bisigara ari umutungo bwite wa buri wese mu bashyngiranywe.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Abashakanye bagomba kugabana imyenda ifatiye ku mutungo rusange igihe bahinduye imicungire y'umutungo;</li> <li>• Abo babereyemo imyenda bashobora gusaba kwishyurwa iyo myenda abashakanye bahawe mbere y'uko baretse ivangamutungo rusange;</li> <li>• Iyo imyenda yari ifitwe n'umwe mu bashakanye ariko akaba yarayifashe ku nyungu z'urugo, iyo myenda yishyurwa hifashishijwe umutungo rusange. icyo gihe bishobokako imwe muri iyo myenda ishobora kuba itanyuze mu mucyo cyangwa ikaba itewe n'uburangare bw'umwe mu bashakanye.</li> </ul>



<p><b>Ivangamutungo w'umuhahano</b> Ingingo ya 7 kugera ku ya 10 y'iryo tegeko.</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Gushyira hamwe ibyo buri wese yazanye igihe cy'ishyingirwa kugira ngo bibe iremezo ry'umutungo wabo;</li> <li>• Gushyira hamwe ibyo bungutse mu mibanire yabo bakorera hamwe cyangwa buri wese ku giti cye byaba impano cyangwa ibizungurwa;</li> <li>• Abagiye gushyingiranwa bandika kandi bagaha umwanditsi w'irangamimerere ibaruramutungo rishyizweho umukono wabo ryerekana umutungo n'imyenda buri wese ageneye iremezo ry'ibihahano.</li> <li>• Iyo abashyingiranywe bifuje guhindura imicungire y'umutungo wabo hakurikijwe ingingo ya 19 y'iri tegeko, hagamijwe gukurikiza ivangamutungo w'umuhahano bagomba kwerekana urutonde rw'imyenda bagenera umuhahano;</li> <li>• Imyenda yafashwe n'umwe mu bashyingiranywe mbere y'ishyingirwa yerekeye umutungo we yishyurwa n'umweyifashe ku mutungo we bwite.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Iyo abantu bahisemo ubu bwoko bw'imicungire y'umutungo, umwanditsi w'urukiko yomeka kopi y'urutonde kuri kopi y'urubanza akayohereza umwanditsi w'irangamimerere;</li> <li>• Umutungo wose utarashyizwe ku rutonde rw'umutungo rusange ufatwa nk'umutungo bwite w'umuntu. Ibyo bivuzeko umwe mu bashakanye ashobora kubihomberamo kubera uwo mutungo utashyizwe ku rutonde.</li> </ul>
---	---	---

<p><b>Ivanguramutungo risesuye</b> Ingingo ya 11 kugera ku ya 13 y'itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999.</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Gufatanya mu gukenura urugo;</li> <li>• Gufata neza urugo rwabo hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese;</li> <li>• Kugumana ukwikenuza, ugucunga no gukoresha uko bikwiye umutungo wabo bwite;</li> <li>• Uwambuwe ububasha nta kindi akoresha ibye uretse kumwitirirwa;</li> <li>• Nyuma yaho ashobora gusaba urukiko kumusubiza uburenganzira bwe iyo agaragaje ko impamvu zatumye abwakwa zitakiriho .</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Igihe umwe mu bashyingiranywe abangamira inyungu z'urugo, atuma umutungo we ukendera cyangwa awutagaguza yamburwa uburenganzira bw'icunga ry'umutungo we n'ubwo kwikenuza bisabwe n'umwe bashyingiranywe cyangwa n'undi wese ubifitemo inyungu;</li> <li>• Uretse iyo bibaye ngombwa ko hashyirwaho umucungamutungo ugenwe n'urukiko, ubundi urubanza ruha umwe mu bashyingiranywe wabisabye ububasha bwo gucunga iby'uwabwambuwe kimwe no kubibonaho urwunguko akoresha afata neza urugo rwabo ibisagutse akabishyingura.</li> </ul>
---	---	--

## 5.2 Ugushyingiranwa ku bantu batari buzuzwa imyaka y'ubukure

Nk'uko biteganwa n'ingingo ya 3 y'itegeko Ngenga n° 29/2004 ryo ku wa 03/12/2004 ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda, imyaka y'ubukure ni cumi n'umunani (18) yuzuye. Ingingo ya 18 y'itegeko ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe ivuga ko iyo ushaka gushyingirwa akiri muto umufiteho ububasha bwa kibyeyi ni we umuhitiramo uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe.

### 5.2.1 Guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Iryo tegeko ryemerera abashakanye guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo wabo mu ngingo yaryo ya 19. icyo gihe abashyingiranywe basabwa ibi bikurikira:

- Ubishaka agomba kugaragaza ko ihinduka rifitiye inyungu urugo cyangwa hari ikintu cyahindutse cyane mu mibereho yabo cyangwa y'umwe muri bo.
- Ikirego gitangwa mu buryo bw'ibirego byihutirwa kigashyikirizwa Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'aho abashyingiranywe baba;
- Iyo iryo saba ritemewe mu cyemezo ntakuka, ikirego gishobora kwongera gutangwa nyuma y'imyaka ibiri (2) gishingiye ku ngingo nshya.

### Inshingano z'abashakanye nyuma yo gushyingiranwa

Inshingano z'abashakanye ni izi zikurikira:

- Abashakanye bagomba kuba hamwe mu nzu imwe.
- Kurera abana mu gihe imana ibabahaye
- Kwihanganirana mu gihe batabyaye
- Bagomba kumvikana aho baba
- Bagomba gusangira ibyo bafite
- Iyo umwe ataye urugo atabyumvikanyeho na mugenzi we agatangira kwibanira n'undi muntu ashobora kubihanirwa n'itegeko.



- Abashakanye bagomba kurangwa n'ubudahemukirana
- Iyo umwe mu bashakanye akora undi akaba nta kazi agira, ukora agomba gutunga udakora kugira ngo babeho kimwe.
- Buri wese mu bashakanye agomba guharanira imibereho myiza y'urugo no kugira uruhare mu mibereho myiza y'urugo mu buryo bwose bushoboka.

Iyo umwe mu bashakanye atubahirije izo nshingano ashobora kubihanirwa n'amategeko. Urugero nk'ingingo ya 380 y'Igitabo cy'amategeko ahana ibyaha ivuga ko:

- Iyo umwe mu bashakanye aciye inyuma mugenzi we ashobora guhanishwa ibihano biteganwa n'amategeko nshinjabyaha n'ay'imbenezamubano.
- Iyo umugabo ataye urugo, ashobora guhanishwa ibihano biteganwa n'amategeko nshinjabyaha n'ay'imbenezamubano.

## UBUTANE

### Ubwoko bw'ubutane

Hariho ubwoko bubiri bw'ubutane:

- Ubutane gihano cyangwa uburyo bwo gutana biturutse ku mpamvu ziteganijwe n'amategeko
- Ubutane bwemejwe n'urukiko

### Ubutane gihano

Ubu butane bushobora kubaho igihe icyo ari cyo cyose nyuma yo gushyingiranwa. Ibyo biba iyo umwe mu bashakanye ahemukiye mugenzi we:

- Amuca inyuma;
- Yarakoze kandi agahamwa n'icyaha cy'urukozasoni ku muryango nko kuryamana n'uwo bafitanye isano cyangwa akorera umuntu ibiterasoni;
- Agaragaza ubugome;
- Atita ku rugo;
- Ata urugo mu gihe kingana cyangwa kirenze amezi 12
- Igihe hashize imyaka 3 abashakanye baritandukanyije

Ibi tubisanga mu itegeko no. 42/1988 rigenga umuryango.

Iyo habaye ubutane gihano, ububasha bwa kibyeyi ku bana buhabwa uwo urukiko rusanga abishoboye. Abashakanye bagabana umutungo bakaringaniza kandi buri wese akagira uruhare mu kwita kuri abo bana.

## Ubutane buturutse ku bwumvikane

Ubu bwoko bw'ubutane ntibushobora kuba abashakanye batari bamarana nibura imyaka itanu (5). Abashakanye bumvikana ku butane kandi nta bwo urukiko rubasaba kugaragaza impamvu z'ubutane bwabo. Mbere y'uko ikirego cyabo gisaba ubutane cyakirwa, umucamanza abamenyesha ingaruka zifatiye kuri ubwo butane ku byerekeranye no kwita ku bana n'igabana ry'umutungo. Abashakanye bahabwa umwaka umwe kugira ngo batekereze ku cyemezo cyabo. Bemererwa ubutane igihe hashize umwaka umwe uhaye igihe babusabiye. Igihe habaye ubutane itegeko riteganywa ko icya kabiri cy'umutungo gihabwa abana naho ikindi cya kabiri kikagenerwa ababyeyi. Ububasha bwa kibyezi ku bana bugenwa ku bwumvikane hagati y'abashakanye. Igihe bahawe ubutane, abashakanye bafite uburenganzira bwo kongera gushaka.

## ITEGEKO RYEREKEYE IZUNGURA N'IRAGE

Izungura n'irage tubisanga mu mu mutwe wa II w'Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999. Ingingo ya 16 y'Itegekonshinga ivuga ko abantu bose bangana imbere y'amategeko nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiye nko ku bwoko, ku ibara ry'umubiri, ku nkomoko, ku isano muzi, ku nzu, ku gitsina, ku bitekerezo, ku idini cyangwa ku byiciro by'ubukungu. Ni yo mpamvu abagore batagomba gukorerwa ivangura ku izungura cyangwa ku irage.

### Izungura ni iki?

Izungurani uguhabwa ububashan'inshinganokumutungon'imyendabyanyakwigendera. Ni ukuvuga ko iyo umuntu amaze gupfa inzira ikurikizwa mu kwegurira umutungo asize abamukomokaho cyangwa abandi bantu ni cyo twita izungura<sup>7</sup>.

Ni nde ushobora kuzungura umutungo wa nyakwigendera?

Ingingo ya 50 y'Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ivuga ko abana amategeko mbonezamubano yemera ko ari aba nyakwigendera bazungura ku buryo bungana nta vangura hagati y'umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa. Igihe cy'igabana ry'umutungo uzungurwa n'abana, inama y'umuryango igena umutungo wo kurera abana bakiri bato batari bagira imyaka 18 n'ugomba guhita ugabanywa abana bose ba nyakwigendera. Iyo abana bose bamaze gukura, bagabana ku buryo bungana umutungo usigaye k'ubareraga abana bari bakiri bato. Ingingo ya 52 ivuga kandi ko uzungura wese, igihe yemeye kuzungura, agomba kwishyura imyenda ya nyakwigendera hakurikijwe umugabane we mu izungura.

<sup>7</sup> Ingingo ya 49 y'Itegeko N° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999

## Ese umuntu ubyemererwa n'amategeko cyangwa yararazwe ashobora kutemererwa kuzungura?

Ntiyemerewe kuzungura, umuntu wese yaba abyemererwa n'amategeko cyangwa yararazwe:

1. Iyo yakatiwe igihano bitewe no kuba yarishe abishaka nyakwigendera cyangwa yarabigambiriye;
2. Iyo yakatiwe igihano bitewe no kuba yarareze nyakwigendera amubeshyera cyangwa bitewe n'ikinyoma yavuze yatanzweho umugabo, mu gihe icyo kinyoma cyari gutuma nyakwigendera ahanishwa nibura igifungo cy'amezi atandatu;
3. Iyo yaciye umubano abishaka na nyakwigendera igihe yari akiriho;
4. Iyo yanze kwita kuri nyakwigendera akiriho mu gihe yagombaga kumufata neza kubera indwara ye ya nyuma, kandi abitegekwa n'amategeko cyangwa umuco;
5. Iyo yitwaje intege nke z'umubiri cyangwa zo mu mutwe bya nyakwigendera akigarurira umutungo we uzungurwa cyangwa igice cyawo;
6. Iyo yarigishije, akangiza cyangwa akagira ibyo ahimba mu nyandiko abyitirira umurage wa nyuma wa nyakwigendera cyangwa agakoresha umurage wataye agaciro.

Ingingo ya 53 ivuga ko Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'aho nyakwigendera yari atuye cyangwa aho yabaga, nirwo rwemeza ko uwari kuzungura yambuwe ubwo burenganzira. Ikirego gitangwa mu buryo bw'ibirego byihutirwa.

### 5.3.2 Izungura rikurikije irage

Irage ni igikorwa umuntu akora akena amerekezo y'umutungo we mu gihe azaba atakiriho, akandika irage rifite agaciro ryitwa mu yandi magambo ibyifuzo bye bya nyuma. Ibintu nyakwigendera atatanze mu irage hakurikiza amategeko agenga izungura nta rage<sup>8</sup>. Ni yo mpamvu iyo umuntu apfuye atanditse irage rigaragaza uzamuzungura bavuga ko yapfuye adatanze irage. Nyamara ariko iyo apfuye yaragaragaje uzaragwa ibye bavuga ko apfuye avuze irage. Utanze irage yitwa nyir'ugutanga irage yaba umugore cyangwa umugabo.

### Ubwoko bw'irage

Irage rishobora gukorwa mu mvugo, mu nyandiko bwite cyangwa mu nyandiko mpamo<sup>9</sup>.

### 5.3.3 Irage mpamo

Nk'uko bigaragara mu ingingo ya 58 y'Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999, irage mpamo ni irage rikorewe imbere y'umwanditsi w'inyandiko mpamo cyangwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere w'aho uraga atuye cyangwa aho aba. Iyo irage rikorewe imbere y'umwanditsi w'irangamimerere cyangwa w'inyandiko mpamo, basigarana inyandiko imwe y'umwimerere bakanandika mu gitabo. cyagenewe irage itariki iryo

<sup>8</sup> Ingingo ya 56

<sup>9</sup> Ingingo ya 57



rage ryakoreweho, amazina y'uraze, aho atuye n'aho aba. Iyo nyandiko y'umwimerere kimwe n'igitabo cy'irage bicungwa mu ibanga bikaba byarebwamo gusa n'abo bireba uwaraze amaze gupfa.

### 5.3.4 Irage rikozwe mu nyandiko

Irage rikozwe mu nyandiko bwite ni irage ryanditswe rigashyirwaho itariki n'umukono by' uraga. Iyo uraga atazi kwandika, cyangwa abizi ariko adashobora ubwe kwandika cyangwa gushyira umukono ku irage rye, ahitamo ubimukorera. Irage ryanditswe muri ubwo buryo rigomba guhabwa agaciro n'umwanditsi w'irangamimerere cyangwa w'inyandiko mpamo w'aho ryandikiwe, uwaraze ahibereye. Ni yo mpamvu irage ryanditswe uraga atahibereye nta gaciro riba rifite.

### 5.3.5 Irage mvugo

Irage mvugo ni irage rikorerwa imbere y'abazungura b'ibanze bose cyangwa se bamwe muri bo n'abagabo byibuze babiri bafite imyaka y'ubukure. Igihe abazungura b'ibanze batabonetse, abagabo baba bane byibura.

Ingingo ya 62 ikubiyemo ibiteganywa n'irage bishobora kuba mu mirage myinshi kandi ikubahirizwa icyarimwe mu buryo bwose bushobotse. Iyo ibiteganywa n'imirage ibiri cyangwa myinshi bibangamiranye, hubahirizwa ibikubiye mu irage riheruka gukorwa. Ibi bivuze ko niba nyakwigendera yarakoze irage muri Werurwe 2006, akongera agakora irindi muri Kamena 2007 noneho akongera agakora irindi mu kwezi k'Ukuboza 2007 mbere y'uko yitaba Imana kandi iyo mirage yose ikaba ivuga ibintu bitandukanye, irage rizitabwaho ni irage riheruka indi mirage ari ryo ryo mu kwezi k'Ukuboza 2007.

Uraga ashobora gushyiraho umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo uzungurwa<sup>10</sup>.

### 5.3.6 Ivanwaho ry'irage

Irage rishobora kuvanwaho ryose cyangwa igice cyaryo n'ubaraze.

### 5.4 Izungura nta rage

Izungura nta rage ni izungura rikorwa hakurikijwe iri tegeko, iyo nta rage ryabayeho. Mu masezerano y'ivanguramutungo, abazungura bakurikiza urutonde rukurikira:

1. Abana ba nyakwigendera;
2. Se na nyina ba nyakwigendera;
3. Abavandimwe ba nyakwigendera basangiye se na nyina;
4. Abavandimwe ba nyakwigendera basangiye umubyeyi umwe;
5. Ba se wabo, ba nyirasenge, ba nyirarume na ba nyina wabo ba nyakwigendera.
6. Leta.

<sup>10</sup> Ingingo ya 64

Izindi ngingo zerekeye izungura nta rage:

- Usibye se na nyina ba nyakwigendera, abazungura bapfuye mbere ya nyakwigendera bahagararirwa mu izungura n'ababakomokaho.
- Buri rwego rw'abazungura ruzitira izindi mu rutonde rw'izungura<sup>11</sup>.
- Buri wese upfuye mu bashyiranywe bafitanye amasezerano y'ivanguramutungo risesuye, azungurwa n'abazungura be hakurikijwe urutonde ruvugwa muri iri tegeko.
- Abavandimwe ba nyakwigendera bahuje umubyeyi umwe, ba se wabo, ba nyirasenge, ba nyina wabo, ba nyirarume, ba bamwana n'abaramu ntibazungura isambu ya nyakwigendera yahawe n'umuryango akomokaho iyo badahuriye ku gisekuru cyayimuhaye, keretse iyo bigaragaye ko abahuriye nawe ku gisekuru cyamugabiye iyo sambu batakiriho<sup>12</sup>.

### Abana b'imfubyi

Iyo abana babaye imfubyi hari ingingo z'amategeko zigaragaza uburyo bwo gushyiraho ugomba kubarera no kubagiraho ububasha bwa kibyeyi. Mu guhitamo bene uwo muntu:

- Abantu batatu bahagarariye umuryango wa nyina w'abo bana n'abandi bantu batatu bahagarariye umuryango wa se w'abo bana baraterana bakitoramo ugomba kugira ububasha bwa kibyeyi kuri abo bana ku rwego rwa mbere n'undi uzabagiraho ububasha bwa kibyeyi ku rwego rwa kabiri ushinzwe gukurikirana no kumenya niba uburenganzira bw'abo bana ku mutungo wabo bwubahirizwa;
- Abafite ububasha bwa kibyeyi kuri abo bana bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko umubyeyi w'umwana bafiteho bene ubwo bubasha yapfuye;
- Urukiko ni rwo icyo gihe rwemeza mu rubanza ko abo bantu bahawe ubwo bubasha bwa kibyeyi;
- Iyo izo nyandiko zemejwe ko ari zo, umucamanza aha ububasha bwa kibyeyi abo bantu bombi;
- Uwahawe ububasha bwa kibyeyi agomba gucunga neza umutungo abana basigiwe kandi akababera n'umubyeyi;
- Iyo umwe muri abo bana agize imyaka 21, uwahawe ububasha bwa kibyeyi agomba kumusobanurira uko yacunze umutungo wabo maze uruhare rwe rw'ububasha bwa kibyeyi rukarangirira aho.

### Izungurwa ry'abashakanye bafitanye amasezerano y'ivangamutungo rusange

1. Iyo umwe apfuye, usigaye asigarana umutungo wose akubahiriza inshingano yo kurera abana no gufasha ababyeyi ba nyakwigendera iyo babikeneye;

<sup>11</sup> Ingingo ya 67

<sup>12</sup> Ingingo ya 67

2. Iyo bombi bapfuye bagasiga abana, umutungo wose uzungurwa n'abana bagafasha ba sekuru na ba nyirakuru. Iyo hari abana badahuriyeho, umutungo ugabanywa kabiri buri mwana akazungura umubyeyi we;
3. Iyo bombi bapfuye badasize abana, umutungo ugabanywamo kabiri, 1/2 kigahabwa abazungura b'umugabo ikindi kigahabwa abazungura b'umugore;
4. Iyo uwapfakaye nta mwana afitanye na nyakwigendera akongera gushaka, asigarana 1/2 cy'umutungo bafatanyije ikindi 1/2 kigahabwa abazungura ba nyakwigendera;
5. Iyo uwapfakaye ataye inshingano yo gufasha ababyeyi ba nyakwigendera, inama y'umuryango igenera abo babyeyi icyo bazungura mu mutungo wa nyakwigendera;
6. Iyo uwapfakaye ataye inshingano yo kurera abana yasigiwe na nyakwigendera, yamburwa 3/4 by'umutungo wose bigahabwa abana;
7. Iyo nta mwana wa nyakwigendera uwapfakaye akirera, akongera gushaka, atwara 1/2 cy'umutungo wose, ikindi 1/2 gihabwa abazungura ba nyakwigendera;
8. Iyo uwapfakaye agiye kongera gushaka akagumana inshingano yo kurera abana yasigiwe na nyakwigendera, ahabwa 1/4 cy'umutungo wose, 3/4 agakomeza kubungira abana ba nyakwigendera;
9. Iyo uwapfakaye atongeye gushaka, akabyara umwana cyangwa abana batari aba nyakwigendera, igihe cy'izungura ry'abana, 1/2 cy'umutungo wose kiba umwihariko w'abana ba nyakwigendera, 1/2 gisigaye abana bose b'uwapfakaye bakakigiramo uruhare ku buryo bungana hatarebwe aba nyakwigendera n'ab'uwapfakaye yabyaye ahandi.

#### 5.4.2 Izungurwa ry'abashakanye bafitanye amasezerano y'ivangamutungo w'umuhahano

Ingingo ya 71 ivuga ko abashyiranywe bafitanye amasezerano y'ivangamutungo w'umuhahano bazungurwa hakurikijwe ingingo z'itegeko rigenga izungura ry'ivangamutungo rusange ku mutungo w'umuhahano (twavuze haruguru) n'ingingo z'iri tegeko rigenga izungura ry'ivanguramutungo risesuye ku mutungo badahuriyeho.

#### 5.4.3 Ese bigenda gute iyo ntawe uzungura cyangwa uragwa uhari?

Iyo nta wuzungura cyangwa uragwa uhari, izungura ryitwa ko ridafite nyiraryo bityo umutungo uzungurwa ugahita wegurirwa Leta.

Umuhango w'izungura ritagira nyiraryo ukorwa ku buryo bukurikira:

1. Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'aho izungura rigomba kubera rwerekana ko izungura ridafite nyiraryo rubisabwe n'Umuyobozi w'Akarere cyangwa Ubushinjacyaha bw'aho izungura ribera cyangwa bw'aho umutungo uzungurwa uri.

2. Itangazo ritangwa na Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'aho izungura rigomba kubera mu bitangazamakuru bibiri byo mu gihugu ku buryo kimwe muri ibyo bitangazamakuru kigomba kuba ari icyo mu karere izungura riberamo cyangwa bigatangazwa ku bundi buryo burushijeho kuba bwiza;
3. Mu gihe cy'umwaka umwe uhereye ku munsu iryo zungura ryatangarijwe, Umuyobozi w'akarere ubishinzwe ageza ikibazo ku Rukiko rwaregewe kugira ngo rutangaze ko umutungo ubuze nyirawo by'agateganyo, iyo atabonetse bikorwa n'ubushinjacyaha;
4. Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, iyo ruregewe rugomba gufata icyemezo mu gihe cy'ukwezi uhereye umunsu rwaregewe;
5. Urukiko rugena umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi kuba acunga by'agateganyo uwo mutungo mu izina rya Leta. Uwo ubicunga atanga buri mwaka raporo y'imicungire y'umutungo, akayihira Minisiteri ifite imibereho myiza y'abaturage mu nshingano zayo, Umuyobozi w'akarere akagenerwa kopi;
6. Nyuma y'imyaka itanu ku mutungo wimukanwa, n'imyaka cumi n'itanu ku mutungo utimukanwa, bisabwe n'Umuyobozi w'akarere cyangwa Ubushinjacyaha, Urukiko rutangaza ko umutungo ubuze nyirawo burundu ukegurirwa Leta;
7. Iyo mbere y'icyo gihe abazungura babonetse, bahabwa umutungo uzungurwa uko umeze havuyemo ibyatanzwe na Leta mu kurinda, gutangaza no gucunga uwo mutungo kimwe n'ibindi Leta yaba yawukoreye kugira ngo utangirika.

#### 5.4.4 Ingingo zerekeye umutungo uzungurwa

Kuva ku ngingo ya 74 kugeza ku ya 79 zikubiyemo bimwe mu bigomba gukorwa ku mutungo uzungurwa. Ibarura ry'umutungo rikorwa nyakwigendera akimara gupfa kugira ngo umutungo uzungurwa umenyekane. Iryo barura ntirikorwa ku mutungo abashyiranywe bahuriyeho keretse iyo uwapfakaye agiye kongera gushyirirwa;

Uwapfakaye akomeza kuba mu nzu bwite ya nyakwigendera babanagamo hamwe n'ibikoresho byose biyirimo iyo aribyo byonyine bigize umutungo uzungurwa cyangwa ari bimwe mu biwugize. Iyo uwapfakaye agiye kongera gushyirirwa inama ishinze iby'izungura ishobora kwemeza ko aguma mu mutungo yasigaranye bishingiye ku nyungu z'abana;

Iyo uwapfakaye yifuje kugurisha, kugwatiriza cyangwa kugurana umutungo yasigaranye, inama ishinze iby'izungura igasanga bibangamiye inyungu z'urugo, ishobora gusaba urukiko mu kirego cy'ihutirwa ko rumwambura ubwo burenganzira;

Umutungo uzungurwa ugabanywa uko uri. Ariko, iyo bidashobotse ko umutungo uterwamo imirwi uko bimeze mu migabane ingana, inama ishinze izungura igena inshumbushyanyo abazungura babonye umugabane munini batahawe n'itegeko cyangwa irage, baha ababonye umuto;

Igice cy'impano kirenze ibishobora gutangwa gishobora kugaruzwa n'uwo ariwe wese mu bazungura bazigamirwa aribo uwapfakaye n'abana;

Ikintu cyatanzwe mbere y'imyaka itatu ibanziriza umunsu izungura ritangiriyeho ntigishobora kugaruzwa.

#### 5.4.5 Iyegeeranya n'igabagabanya ry'ibizungurwa

Iyegeeranya n'igabagabanya by'umutungo uzungurwa bikorwa n'uwabirazwe na nyakwigendera. Iyo adahari bikorwa n'inama ishinze iby'izungura cyangwa uwabishinze n'Urukiko.

#### Ese ni bande bagize inama ishinze iby'izungura?

1. Uwapfakaye;
2. Umwana uhagarariye abandi iyo hari abana bakuru yasize;
3. Uhagarariye umuryango wa nyakwigendera;
4. Uhagarariye umuryango w'uwapfakaye;
5. Inshuti nyangamugayo imwe itangwa n'umuryango w'uwapfakaye;
6. Inshuti nyangamugayo imwe itangwa n'umuryango wa nyakwigendera;
7. Umuyobozi w'inama ishinze iby'izungura atangwa n'umuryango wa nyakwigendera, umwanditsi wayo agatangwa n'umuryango w'uwapfakaye. Ibyemezo by'inama ishinze iby'izungura bifatwa abayigize bose bahari bakabishyiraho umukono;
8. Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, abisabwe n'Ubushinjacyaha cyangwa Umuyobozi w'akarere b'aho izungura ribera, cyangwa umwe mu bazungura, ashiraho ushinze iyegeeranya n'igabagabanya ry'ibizungurwa iyo abazungura bataramenyekana cyangwa baranze bose kuzungura cyangwa haravutse impaka zikabije ku buryo bw'igabagabanya.

Inshingano z'Ushinze iyegeeranya n'igabagabanya ry'ibizungurwa mu gucunga umutungo uzungurwa;

1. Kwishyura imyenda yasizwe n'uzungurwa igejeje igihe;
2. Kugena burundu abagomba kuzungura;
3. Gufata icyemezo iyo habaye impaka no kutumvikana ku migabane;
4. Kugaragariza imicungire y'umutungo abagomba kuzungura cyangwa urukiko.

Mu kwishyura imyenda ikurwa ku mutungo uzungurwa, ushinze iyegeeranya n'igabagabanya ry'umutungo agomba kubahiriza urutonde rukurikira:

1. Ibyatanzwe mu ishyingurwa rya nyakwigendera;
2. Imishahara nyakwigendera yagombaga guhamba;
3. Ibyatanzwe mu icunga, iyegeeranya n'igabagabanya-mutungo;
4. Imyenda ya nyakwigendera;
5. Umurage ku bintu bizwi watanze na nyakwigendera.

#### 5.4.6 Ese umuntu ashobora kwanga kuzungura?

Ingingo ya 86 ivuga ko ntawe uhatirwa kwemera kuzungura cyangwa gufata umurage. Kwemera kuzungura bigaragazwa n'uko uzungura yemeye ku mugaragaro ko ari umuzungura. Kwemera kuzungura ntibisubirwaho kandi bigira agaciro guhera umunsi w'urupfu rwa nyakwigendera:

Igihe cyo kugaragaza kwanga kuzungura

Ingingo ya 87 ivuga ko uwanga kuzungura agomba kubikora mu gihe cy'amezi atatu uhereye igihe ushinze iyegeeranya n'igabagabanya ry'umutungo yamumenyeshereje ukuzungura kwe cyangwa igihe yagarariye ko afite uburenganzira bwo kuzungura. Ese kwanga kuzungura bikorwa gute?

Kwanga kuzungura bigomba gukorwa mu nyandiko kandi bikamenyeshwa ushinze iyegeeranya n'igabagabanya ry'umutungo mu gibe kitarenze igiteganywa n'ingingo ya 87. Iyo uzungura atazi kwandika ashobora kubimenyasha mu mvugo muri icyo gihe cyavuzwe hari abagabo babiri. Iyo atagaragaje igitekerezo cye kandi yabimenyeshwe, bifatwa nk'aho yemeye kuzungura.

#### Igihe kwanga kuzungura bitangira kubahirizwa

Kwanga kuzungura bituma ubikoze afatwa nk'aho atigeze aba umuzungura. Ntibisubirwaho nyuma y'igihe giteganywa n'ingingo ya 87 keretse iyo byakozwe hakoreshejwe uburiganya, ingufu cyangwa iterabwoba, kandi bikaregerwa mu rukiko mu gibe cy'amezi atandatu uhereye igihe birangiriye. Icyo gihe gishobora kongerwa habonetse impamvu zigaragara kandi zifatika.

#### Ingingo rusange ku mpano n'izungura

Impano n'izungura tubisanga kuva ku ngingo ya 90 kugeza ku ngingo ya 93. Izo ngingo zivuga ibi bikurikira:

- Kugabagabana isambu mu izungura no kuyitangaho impano bikurikiza amategeko agenga ubutaka.
- Isambu itarengeje hegitari imwe n'icyaricyo cyose kidashobora kugabanyika ntibishobora gucibwamo imirwi, ahubwo ba nyirabyo bumvikana uburyo bwo kubigurisha cyangwa wo kubibyaza umusaruro ibivuyemo akaba aribyo bagabana.
- Amategeko yerekeye ububasha, bw'abantu mu gukora amasezerano n'ayerekeye inzitizi zo gukora ibikorwa byemewe, akurikizwa no mu bireba impano n'izungura.
- Haseguriwe ingingo ya 19 y'iri tegeko, abashyiranywe mbere yuko iri tegeko ritangira kubahirizwa, bagengwa n'amasezerano y'icungamutungo basanganywe, keretse iyo mu gihe cy'imyaka ibiri kuva iri tegeko ritangiye kubahirizwa batangariye imbere y'umwanditsi w'irangamimerere ko bahisemo guhindura ubwo buryo bari basanganywe.



## 6. ITEGEKO RYEREKEYE UBUTAKA

Itegeko ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imitungire y'ubutaka mu Rwanda. Hakurikijwe ingingo ya 3 y'iryo tegeko, abantu bafite uburenganzira bwo gutunga no gukoresha ubutaka. Ariko kandi Leta ifite ububasha bwo gutegeka ko abantu bimurwa kubera inyungu rusange, imiturire n'imitunganyirize rusange y'ubutaka bw'igihugu mu buryo buteganywa n'amategeko kandi habanje gutangwa indishyi kuri nyir'ubutaka.

### Ni nde ushobora gutunga ubutaka?

Ubutaka bw'igihugu bubarirwa mu mutungo rusange w'imbaga y'Abanyarwanda bose; abakurambere, abariho ubu, n'abazavuka. Umuntu wese ku giti cye cyangwa se ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi, bemerewe kugira uburenganzira ku butaka. Umutungo bwite waba uw'umuntu ku giti cye cyangwa uw'ishyirahamwe ni ntavogerwa.

Nta wakivanga mu burenganzira bw'umuntu ku butaka keretse ibyo bikozwe ku nyungu rusange mu buryo buteganywa n'amategeko kandi habanje gutangwa indishyi ikwiye. Ivangura rishingiye ku gitsina, ku nkomoko n'irindi iryo ari ryo ryose, mu byerekeranye no gutunga ubutaka cyangwa se kubugiraho uburenganzira ribujijwe n'ingingo ya 4 y'Itegeko n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imitungire y'ubutaka mu Rwanda. Umugabo n'umugore bafite uburenganzira bungana ku mutungo w'ubutaka.

Uburenganzira bwo gutunga ubutaka ku muntu ku giti cye ndetse n'ubundi burenganzira bifitanye isano butangwa na Leta. Buri muntu agomba kubahiriza umutungo wa Leta. Igikorwa cyose kigamije kwangiza cyangwa kugira ingaruka mbi ku mutungo wa Leta, kuwiba cyangwa kuwusesagura gihanwa n'itegeko.

### 6.1.1 Amatsinda y'ubutaka

Itegeko rishyira ubutaka mu matsinda akurikira:

### 6.1.2 Ubutaka bwo mu mugi n'ubutaka bwo mu cyaro

Ubutaka bwo mu mijyi ni ubutaka bukubiye mu mbago z'imijyi zishyirwaho n'itegeko. Iteka rya Perezida wa Repubulika rigena ubundi butaka bufatwa nk'ubwo mu mijyi buri mu nkengeri z'imijyi no mu midugudu. Ubundi butaka busigaye ni ubutaka bwo mu cyaro.

### 6.1.3 Ubutaka bw'abantu ku giti cyabo

Ubutaka bw'abantu ku giti cyabo bugizwe n'ubutaka batunze mu buryo buhuje n'umuco, ubwo batunze mu buryo bujyanye n'amategeko yanditse, ubwo bahawe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, ubwo baguze, impano, ingurane n'isaranganya.

### 6.1.4 Ubutaka bwa Leta

Mu butaka bwa Leta harimo:

- ubutaka bwa leta bugize umutungo rusange: ni bugizwe ubugenewe gukoreshwa na bose cyangwa se ubwo inzego z'imirimo ya Leta zikoreraho kimwe n'ubutaka bw'igihugu bugenewe kurinda ibidukikije;
- Ubutaka bwite bwa Leta; bugizwe n'ubutabarirwa mu bwa Leta bugenewe ibikorwa rusange, n'ubutari ubw'Uturere n'imigi ntibube n'ubw'abantu ku giti cyabo.

### 6.1.5 Ubutaka bw'akarere n'ubw'umugi

Bugizwe n'ubutaka Leta ishobora kugenera izo nzego ndetse n'ubutaka bwite bwazo.

## 6.2 Komisiyo zishinzwe iby'ubutaka

Ingingo ya 8 y'itegeko n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imitungire y'ubutaka mu Rwanda ishyiraho komisiyo zishinzwe iby'ubutaka ku rwego rw'igihugu, ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Uturere n'urw'Imijyi. Iteganya ko izo komisiyo zigomba kugaragaramo abagabo n'abagore. Imiterere, ububasha n'imikorere bya komisiyo zishinzwe iby'ubutaka tubisanga mu iteka rya Perezida wa Repubulika n° 54/01 ryo ku wa 12/10/2006. Iryo teka rigena inshingano za komisiyo zishinzwe iby'ubutaka ku rwego rw'igihugu, ku rwego rw'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Uturere.

### 6.2.1 Abagize komisiyo

Komisiyo igizwe n'abantu bakurikira:

- Perezida
- Visi Perezida
- Abagize komisiyo

Abagize komisiyo bagira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa rimwe. Nibura 30% by'abagize komisiyo kuri buri rwego bagomba kuba abagore.

## 6.3 Iyandikisha ry'ubutaka

Buri wese afite inshingano zo kwandikisha ubutaka atunze.

### 6.3.1 Ibiro by'ubutaka ku rwego rw'Akarere

Ingingo ya 31 ishyiraho ibiro by'ubutaka bishinzwe kwandikisha ubutaka. Imiterere, imikorere n'inshingano by'ibiro by'ubutaka bigenwa n'iteka rya Minisitiri n° 001/2006 ryo kuwa 26/09/2006.

### 6.3.2 Inshingano z'ibiro by'ubutaka ku rwego rw'Akarere

Zimwe mu nshingano z'ibiro by'ubutaka ku rwego rw'akarere ni izi zikurikira:

- Gushyira mu bikorwa politiki y'ubutaka mu turere ku byerekeranye n'ahantu hazashyirwa imigi, hazakorera ubucuruzi n'imidugudu;
- Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda zihariye zijyanye n'imikoreshereze y'ubutaka;

- Gukurikirana imikoreshereze n'imirungire y'ubutaka mu Karere hakurikijwe igishushanyo mbonera cyako;
- Kubika neza inyandiko z'amakarita zerekeranye n'imikoreshereze y'ubutaka mu Karere;
- Kubika no gucunga neza ibitabo by'ubutaka;
- Gutanga impushya zo kubaka no gukurikirana hagamijwe kumenya niba abantu bubahiriza ibishushanyo by'imyubakire;
- Kugena imbibi z'ubutaka
- Guha raporo inzego zibishinzwe.

### 6.3.3 Urwego rw'umubitsi w'impapuruompamo z'ubutaka

Imiterere n'inshingano by'urwego rw'umubitsi w'impapuruompamo z'ubutaka zikubiye mu Iteka rya Perezida wa Repubulika n° 53/01 ryo ku wa 12/10/2006. Urwo rwego rufite ububasha cyane cyane muri ibi bikurikira:

- Gushyira umukono ku mpapuruompamo hamwe n'amasezerano y'ubukode burambye;
- Kwemeza ko ubutaka butanzwe burundu;
- Guhagararira cyamunara ziteganywa n'amasezerano y'ubugwate;
- Kwimura ingwate;
- Kwemeza ko icyemezo gihamya nyir'ubutaka cyatakaye ashingiyeye ku cyemezo cyatanze n'umucamanza.

## 7. Abo iki gitabo kizagirira akamaro

Iki gitabo kizifashishwa mu guha amahugurwa abakangurambaga mu by'amategeko mu Rwanda. Umukangurambaga mu by'amategeko asabwa ibintu bikurikira:

- Kuba azi gusoma no kwandika bikaba byarushaho kuba byiza aramutse yararangije amashuri yisumbuye cyane ko bizamufasha gusobanukirwa no kuzuzanya inyandiko zoroheje mu by'amategeko.
- Agomba kuba ari umuntu abaturage bemera
- Agomba kuba ari inyangamugayo
- Abantu bafite impamyabushobozi ya kaminuza na bo baremewe kuko ibyo bizafasha mu gutegura igikorwa cyo gukorera ubuvugizi abakangurambaga mu by'amategeko kugira ngo na bo bunganire abantu mu nkiko. Ibyo kandi bizafasha gushyira mu bikorwa icyo cyifuzo igihe itegeko rizaba rimaze gutorwa.

Abogahunda igenewe abakangurambaga izagirira akamaro ni abaturage. Hazashyirwaho gahunda mpuzabikorwa ku rwego rw'igihugu igihe hazaba hamaze kujyaho amategeko agenga imyitwarire y'abakangurambaga mu by'amategeko. Iki gitabo cy'amahugurwa kizakoreshwa mu guhugura abakangurambaga mu by'amategeko bose kugira ngo bagire ubumenyi bumwe.

# IMIGEREKA

**Kwandika, gukurikirana no gutanga amakuru kubikorwa bya Abafasha mu by'amategeko**

Urutonde rukurikira ni urw'amafishi ashobora kwifashishwa n'abafasha mu by'amategeko mu bikorwa byabo bya buri munsu mu rwego rw' o kwandika, gukurikirana no gutanga raporo cyangwa amakuru. Aya mafishi ashobora guhinduka bitewe n'ibikorwa bakora n'aho bakorera.

**Umugereka I**

**Rejisitiri y'umufasha muby'amategeko**

Iyi rejisitiri ikoresheye n'umufasha mu by'amategeko mu kwandika no gutanga amakuru ku bikorwa yakoze. Ibikwa n'umufasha mu by'amategeko. Buri mufasha mu by'amategeko aba afite rejisitiri akayuzuzwa buri gihe hakurikijwe amafishi akurikira (Ifishi y'umukiriya, Ifishi yo gukurikirana umukiriya). Ifishi y'umukiriya ishyirwamo amakuru y'umukiriya iyo aje bwa mbere naho ifishi yo gukurikirana umukiriya yuzuzwa iyo umukiriya aje bwa kabiri mu rwego rwo kumukurikirana.

**Ifishi y'umukiriya**

No y'ifishi.....

Itariki: ..... Igihe.....

**1. Umwirondoro:**

Amazina yombi.....

Inomero y'ikimuranga.....

Telefoni .....

Aho abarizwa (Akarere, Umurenge, Akagali, Umudugudu): .....

Aho yavukiye n'igihe .....

Igitsina:

Irangamimerere: Ingaragu Arubatse Yatanye n'uwo bashakanye Umupfakare/ Umupfakazi

Umwuga:

Uko ahagaze (Abana ni ubwandu bw'agakoko gatera SIDA): Yego / Oya

Imfubyi: Yego/Oya

Arera abandi: Yego/Oya

Uhagarariye undi (Niba ari ngombwa):

**2. Urubanza:**

Imanza nshinjabyaha: (ubujura, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibindi.....)

Imanza mboneza mubano: (Ubutaka, umuryango, izungura, ubwishingize, ibindi....)

Imanza z'ubucuruzi

**3. Amakuru arambuye ku rubanza:**

.....  
.....  
.....  
.....  
.....

Amazina y'umufashamuby'amategeko: .....

Aho abarizwa: ..... Telefoni.....

Umukono.....

Amazina y'umugenzuzi (niba ari ngombwa): .....

**Ifishi yo gukurikirana umukiriya**

No y'ifishi.....

Itariki: .....

Igihe.....

**1. Umwirondoro:**

Amazina yombi.....

Inomero y'ikimuranga.....

Telefoni .....

No y'ifishi.....

Itariki yakiriweho ubushize .....

Izina ry'umufasha mu by'amategeko: .....

Ibindi bisobanuro: .....

**2. Incamake ya gahunda y'ubushize:**

.....  
.....  
.....

**3. Aho ikibazo kigeze uherye kuri gahunda y'ubushize**

Intambwe yatewe n'umukiriya:

.....  
.....  
.....

Intambwe yatewe n'umuryango:

.....  
.....  
.....

**4. Intambwe z'ubutaha**

.....  
.....  
.....

Amazina y'umufasha mu by'amategeko: ..... Telefoni .....

Isaha ikiganiro kirangiriye: .....

Umukono: .....

**Umugereka III**

<b>RWANDA WOMEN NETWORK</b>		
<b>URWANDIKO RWOHEREZA UMUNTU UKENEYE UBUFASHA AHANDI</b>		
Itariki yamwakiriyeho ...../...../.....		
Amazina y'ukeneye ubufasha		
Igihe yavukiye (umwaka)		
Akarere atuyemo		
Umurenge atuyemo		
Akagali akagali atuyemo		
Amazina Y'Umujyanama Wamwakiriye		
Ishyirahamwe / Koperative arimo		
Akarere akoreramo		
Umurenge akoreramo		
		<b>Telefoni abonekaho</b> <i>(niba ayifite)</i>
Aho amwohereje		

**IBISOBANURO KU KIBAZO**

<b>I. UWAKIRIWE AFITE IKIBAZO GITEYE GITE ?</b> <i>(sobanura muri make ukurikije ibyo wasobanukiwe nyuma yo kumwakira)</i>	
<b>II. NI IKI KIMAZE GUKORWA KURI ICYO KIBAZO</b> <i>(urug. bagiye mu bunzi, kwa muganga, biri mu rubanza, nta cyakozwe, etc.)</i>	
<b>III. UMUKONO W'UMUJYANAMA WAMWAKIRIYE BWA MBERE</b>	<b>IV. UMUKONO NA CACHET BY'UHAGARARIYE ISHYIRAHAMWE RIMWOHEREJE</b>



**Umugereka IV**

Ifishi ya Raporo y'igihembwe

RWANDA WOMEN NETWORK	
IFISHI YA RAPORO Y'IGIHEMBWE Y'UBUFASHA MU BY'AMATEGEKO	
	_____ / _____ / _____
	Itariki
	Telefoni ibonekaho (niba ihari)
	Umurengi
	Akagali
	Email ibonekaho (niba ihari)
	Igihembwe cya.....: Ukwezi kwa..... kugeza ukwezi kwa....

No y'ifishi	Amazina y'umukiriya	Aho abarizwa	Igit-sina	Imyaka	Irangamimer-ere	Uko ikirego giteye	Itariki ikirego cyacyirwe	Icyo yakorewe ryango yo-herewe	Izina ry'umu	Aho ikirego kigeze	Ubishin-zwe

**2.1 -- Ingorane zitandukanye mwagize**

**2.2 -- Ingamba mwafashe mu gukemura ingorane mwahuye nazo**

**Umukono w'umuyobozi .....**

**Umugereka V**

**Inkuru ishimishije  
Uko yandikwa**

Umenya inkuru nziza iyo uganira n'abo mukorana ukamenya ibibazo bitandukanye buri wese afite. Iyo mubo wagiye uha ubufasha harimo uwigaragaje cyane – ukwiye kumumenya, mukaganira, ukazamusaba ko wamwandikaho inkuru. Ukwiye kumumenyesha impamvu y'iyi nkuru ko ari ukugirango abazayumva bizababere gufatanya namwe mu kazi gatandukanye mukora buri muni. Iyo wandika inkuru ishimishije hari ibintu bitatu wibandaho:

1. Vuga inkuru ijyanye n'ikigenderewe gusa – ntihabeho kujya mubindi biterekeye kuri uwo inkuru ireba.
2. Wibande ku magambo uwo inkuru ireba yagiye akoresha kuruta uko wowe uyisobanurira.
3. Koresha interuro ngufi nibwo ubisoma abyumva kurushaho. Wirinde kurondogora.

Tangira ugaragaza uko uwo inkuru ireba yari ameze mbere y'uko ahabwa ubufasha yaba ari mwe cg abandibamufashije. Nyuma uvuge uko asobanura icyamuteye kuza gushaka ubufasha (uko yabimenye, ingorane yagize mu kuza, n'uburyo yabigezeho). Muburyo muganira mubaze maze uvuge uko yumva ubufasha yahawe bwamugiriye akamaro n'izindi nama atanga cyangwa se uko abona ibintu. Andika inkuru neza, udasubiyemo amagambo kandi ntibe ndende ngo irambirane. Andika ku mpapuro zabugenewe wahawe na Rwanda Women Network.

**Inkuru nziza mu byagezweho cyangwa byakozwe**

Uwo cyangwa abo inkuru ireba (umuntu ku giti cye cyangwa benshi/ Umuryango)	
Akarere	
Umurenge	
Akagali	
Umudugudu	
Imyaka (niba ari umuntu ku giti cye)	

**UKO BYAGENZE**

**INKURU IRAMBUYE**

*(Sobanura muri make uko ikibazo cyatangiyeye, icyakozwe nyuma y'aho, bamaze kugera mu ishyirahamwe ryanyu, ingaruka nziza cyg mbi zabayeho ni izihe, uwo ikibazo kireba yabonye ari iki cyahindutse, ubu bageze kuki, harifuzwa iki, etc.). Ku mugereka mushyireho amafoto niba ahari kandi babyemera.*

---

---

---

---

---

---

---

---

---

---

Ishyirahamwe/ Koperative:	Tariki ya : ..... / ..... / .....
Uhagarariye Ishyirahamwe/ Koperative [amazina n'umukono na kashe]	

**Umugereka VI**

Ikirego No .....

**Gutanga Ikirego**

**1. Umwirondoro**

UREGA: .....

Mwene .....na .....

Igihe yavukiye .....Aho yavukiye ..... (Intara, Akarere, Umurenge, Akagali, Umudugudu)

UREGWA: .....

Mwene .....na .....

Igihe yavukiye .....Aho yavukiye ..... (Intara, Akarere, Umurenge, Akagali, Umudugudu)

IKIBAZO NYAMUKURU: .....

URUKIKO RWOHEREJWEHO IKIREGO: .....

**2. Uko ikirego giteye:**

**3. icyo amategeko ateganywa**

**4. Ibisabwa urukiko**

Urugero:

- Kwakira ikirego no kwemeza ko gifite ishingiro
- Gufata umwanzuro ko natsinze
- Gutegeka uregwa kwishyura indishyi z'akababaro
- Gutegeka uregwa kwishyura / gusubiza / gutanga ..... (kivuge)  
Ubutabera buzaba bwubahirijwe

**Amazina ya nyir'urubanza:** .....

**Ahobikorewe:** .....

**Itariki:** .....

**Umukono:** .....

**Icyitonderwa:** Shyiraho ibimenyetso byemeza ikirego / urubanza (inyandiko, amafoto.....)

-----

